# Ihitamo ry'Umugeni

Los Angeles, California USA

65-0429E

1 Nishimiye rwose kongera kuba hano kuri uyu mugoroba, muri iyi nzu iteguwe neza kandi hagati y'iri tsinda ritangaje ry'abantu. Mu kanya gashize, ubwo twinjiraga hariya, abantu bari mu nzira mu muhanda bavugaga ko batashoboye kwinjira. Navuze nti. "yemwe, ngira ngo ndibushobore kubabonera umwanya." Ariko ngirango baje kubuzwa kumanuka none mbabajwe nuko tutabafitiye imyanya ihagije. Nabwiwe ko nahandi mu cyumba hose hari huzuye . Nuko, biratubabaje mutwihanganire. Ariko kandi twishimiye kuba hano kandi tunishimiye kubona irindi tsinda ryiza ry'abakozi b'Imana, abantu biyemeje umurimo bari hano, namwe ntumwa zivuye mu bice binyuranye by'igihugu.

2 Ubwo twafataga ifunguro rya mu gitondo, nagize amahirwe menshi cyane yo kubwiriza nk'umunyacyubahiro, kandi koko birubahitse nkanabishima birenze, kuba nafashe ijambo imbere y'abantu b'agaciro nk'abo. Icyo navuzeho cyari: IMBUTO NTIZARAGWANA N'URUKUNGU. Sinashoboye kurangiza. Kandi ntiryari ikosa rya mwene Data. Yagerageje igihe kirekire kubaza ubuyobozi ko twakwemererwa kurenzaho gato kuhaguma, ariko umuyobozi yaranze. Ndashima rwose ibyo mwene Data Demos. Mwagize neza cyane. Sinakwibagirwa gushimira buri wese muri mwe uko kugira neza kwanyu. Ariko bop banze kubitwemerera. Nuko twagombye kurekera aho tugasoza. Ndibubigarukeho mu kandi kanya mu isoza ry'ibi: IMBUTO NTIZARAGWANA N'URUKUNGU. Mwabisobanukiwe se mwe abari bahari? Nizeye ko ibyavuzwe bihagije byumvikanye.

3 Maze rero, nzi yuko muri uyu mugoroba hariho n'ihuriro ry'ibitekerezo, ibyo bigatuma ntifuza kubagumana igihe kirekire cyane, bikabatesha ibyo. Rwose, ndasanga ibyo byarabaye mubyukuri iby'ingirakamaro ku—ku bizera b'abapantekote , ririya huriro rwabonye kumugoroba wundi. Mbega itsinda ry'abantu b'imena, kandi watangazwa n'ibisubizo bihambaye, bisobanutse byahatangiwe! Kubibona byaranyuza rwose. Niringiye yuko umwami ari bubihe umugisha kuri uyu mugoroba. Kandi ko abari bubibone bose baza gushobora kwizera. Ni isengesho rivuye ku mutima.

4 Hariho n'ubuhamya bwinshi bwaje uyu munsi bunyuze mu iposita no muri telefoni, abantu benshi bakaba barakize indwara muri ibyo biterane. Byaranshimishije cyane. Ninabyo koko, kwita ku barwayi, ni nka wo murimo wanjye. Nza, nzamutse hano ngo mbwirize . si…, murabizi, si ndi umubwiriza . none njye n'imvugo yanjye ya kentucky ''his hain't'' na—n'andi magambo yose bityo si— sinshobora kuvuga yuko ndi icyo bita umubwiriza w'ibihe bigezweho by'iyi minsi. Si—sinashobora gufata uriya mwanya, bitewe n'uko nta mashuri mfite. Cyakora nkunda kugaragaza ibyo nzi, cyangwa ibyo ntekereza. Kuyimenya, ibyo nayumviseho, icyo iri cyo kuri njye. Niyo bugingo bwanjye bwose, icyo nashobora kwitegaho kuba kandi birenze ibyo mba narashoboye kugera ubwo mbyiyumvamo, mu gihe ntari mfite mu byukuri incuti n'imwe ku isi nkiri agahungu gato. Noneho nkaba nshimira rwose yuko mfite inshuti zikomeye uyu munsi. Hari aho mikoro zidashobora gukora [birebana na aderese y'imikorere ya zamikoro].

5 Ubu, kugira ngo twinjire ako kanya mu gikorwa, reka dusome bimwe mu byanditswe. Nku—nkunda iteka gusoma bibiliya, bitewe n'uko ari ijambo ry'Imana. Ni ibyo nemera. Kandi nizera ko ari ijambo ridateshuka ry'Imana. Ni uko ubu mfite imirongo imwe y'ibyanditswe nafashe nkayandika hano hammwe n'andi magambo nifuza kwifashisha mu mwanya muto, ahari nko muminota mirongo ine n'itanu.

Bityo turi bushobore gusohokera igihe kugira ngo kuri uyu mugoroba muze kongera kureba na none ririya huriro. Kandi niringiye ko Imana izakomeza kubaha umugisha kugeza ku ndunduro. Nzi icyo namwe, mwebwe mugomba gukora. Naho kuri njye, ndacyafite urugendo rwo kuva hano njya i Tucson, ngomba gukora kuri uyu mugoroba, murabona, ubwo rero mushobora kubyiyumvisha. Ni inzira y'amasaha icumi utwaye imodoka.

6 Nuko rero ndishimira cyane kubona uyu mwanya, na—n'ibi biterane byiza twagize mbere y'inama ku mikoranire mu bwumvikane. Ibyo byanteye kwishima mu mutima wanjye. Muri itsinda ry'abantu beza cyane. Nizeye yuko Imana iri bubahe umugisha.

Ubwo isaha ikomeye…kiriya kirura cya rutura kidasanzwe cyari kiryamye hariya, cyaje kwihindukiza ako kanya, muri Alaska, hashize iminsi mike, cyongera kubura umurizo wacyo muri iki gitondo, kiwutunga kuri Leta ya Washington. Cyashobora byoroshye cyane gufata iki cyerekezo.

Maze, niba bibaye uko umwuka wera ambwiye byimbitse… Umuntu umwe yansubije… yambazaga iki kibazo: "mbese ibyo bigiye kuzagera na hano, mwene Data Branham?" Oya, ibyo ntacyo mbiziho na busa. Simbizi pe, kandi mu gihe ntarabimenya. Ibyo ni ukuri. Nifuza iteka kubabera indahemuka. Singiye kwirarira, gufata igitekerezo icyo aricyo cyose cyangwa ikintu runaka, icyo ntekereza cyangwa ikintu nk'icyo. Nimbibabwira, bizaba ari uko bimeze. Ni uko, ngomba kubanza kubibwira, hanyuma nanjye nkabibabwira. Nzi yuko isi yose iriho inyeganyezwa. Turi mu gihe cy'iherezo. Cyakora ikintu nagerageje kuba…

7 Muri iki gitondo mwene Data Shakarian yavuze yuko mu bihe bishize yanyuraga mu mirongo y'amasengesho, maze agafata amakarita ngo ayitegereze mbere y'uko abantu baza hafi y'uruhimbi, agira

ngo ni—iba ibyo nababwiraga byari bihuye n'ibyo bari bayanditseho. Abantu bandika ibintu by'ubwoko bwose ku makarita yabo nayabagombaga gusengerwa, murabizi yavuze ko ku makarita amagana menshi yagenzuye, hatigeze haboneka n'imwe idahuje nabyo. [ mwene Data Shakarian ahita avuga ati: "ntihigeze haba na rimwe idahuza anabyo."—U.I.] ntihazigera habaho n'imwe idahuza nabyo murabona, kuko mu—mu gihe ari Imana. Niba ngize icyo nishyiriyemo binturutseho, ubwo aho bizaba bikosheje bikiri ku ntangiriro

Umukobwa w'umwangavu ufite se wicaye hariya, ubu akaba arimo kunyumva yaje akanyegera, hashize akanya gato, hashize akanya gato. Yari yarose. Yambwiye ati: ''mwene Data Branham, izo nzozi zisobanura iki?'' Naravuze nti: "mushiki wanjye, simbizi. Ni ngombwa ko ndeba niba Umwami ashimye kubimbwira." Narigendeye rero, maze ngerageza gusaba umwami, ariko nta kintu na busa yabinbwiyeho. Uwo mwangavu yaragarutse maze arambaza ati: "ese noneho igisobanuro cy'inzozi zanjye kirihe?" Ndavuga nti: "ngwino hano wicare, nshuti yanjye", naravuze nti: "so na nyoko ni inchuti zanjye bikomeye urabona? Bari mu kiruhuko cy'izabukuru, kandi bakoze urugendo rwose muri Canada baza guturana nanjye hano. ibi barabyemera, icyo ngerageza kuvuga. Kandi kuva nabaho, sinigeze mbwira umuntu ikintu kitari cyo mbigambiriye. Nibi nte—ndatekereza ko nzi icyo ziriya nzozi zivuga. Ariko igihe cyose ntarerekwa ubwanjye izo nzozi, kandi na We ntambwire icyo zivuga, sinshobora kubikubwira, urabona, niba mfuye kwishimira ibyo nkekeranya, wenda hari igihe kimwe uzankenera, kandi bikazaba ari amahitamo hagati y'urupfu n'ubugingo maze aho ntuzamenya niba ugomba kunyizera cyangwa kutanyizera.

8 Niba nkubwiye ikintu mu Izina ry'Umwami, niko biri mu by'ukuri.

Niwe uzaba yabimbwiye. Kandi, kugeza magingo aya, muri iyi myaka yose, mw'isi yose, uyizengurutse yose, nta na rimwe bitabaye byo, habe na rimwe, kubera ko… kandi muzi neza ko umuntu adashobora kudateshuka bigeze aho. Ni ngombwa ko bikorwa n'Umwuka w'Imana.

Rero, mfite ubutumwe mfiteho inshingano. Kandi kenshi nafashwe, mu bantu beza, yenda batari bicara hano, utanatekereza n'umunota umwe, ko nari... Yoo, umuntu mubi cyane, avuga ko ntakunda abantu, ahubwo ko mpora mbacagagura. kandi siko biri. Nkunda abantu.

Kandi murabizi, urukundo rurakosoa.

9 Niba umwana wawe muto w'umuhungu yari yicaye mu muhanda, hariya maze ukamubwira uti: "Mwana wanjye nkunda sinshaka ko uguma aho ariko…" kandi n'imodoka ziriho zimunyuraho zihuta cyane, ubwo rero uramucyura. Hanyuma, nasohoka agasubirayo yiruka, ubwo rero azagomba kumukosora. Niba umukunda, uzabikora. Kuko ari ngombwa.

Niba ubonye umuntu w'umugabo amanuka mu mugezi ari mu bwato butoya, agana ku isumo ry'amazi, ukaba uzi yuko ubwo bwato bugiye kurohama bukigera ku isumo, mbese wamubwira ngo: "Yohana, wowe ngira ngo wakagombye gutekerezaho gato, ahari nturibubyikuremo?" niba nziko atari bubivemo, ndamukura muri ubwo bwato, wenda nkoresheje n'imbaraga niba mbishoboye, kuko ari urukundo rubikora.

10 N'ubu, mu butumwa bwinshi ntanga hano, singerageza na rimwe gusesekamo ingingo z'inyigisho ngenderwaho, nta n'ikindi nabusa[nk'icyo]. Ibyo, mbi - mbikorera mu rusengero rwanjye bwite. Ariko hano hanze, hagati y'abagabo n'abagore b'amadini atandukanye, bafite ibitekerezo binyuranye, ngerageza gusa gusobanura ibintu mu buryo budakaze,bworoheje, cyakora ngatanga ibihagije kugirango, niba mwarabyawe n'Umwuka, ndemera yuko muzasobanukirwa n'ibyo nshaka kuvuga, mu bakristo banyu, baba Abametodisiti, Ababatisita, Abaperesibiteriyani, n'abandi.

11 None kuri uyu mugoroba ndifuza gufata ibiri mu gitago cy'itangiriro, igice cya 24. Ndasoma umu… kuva k'umurongo wa 12 w'igice cya 24 mu Itangiriro:

Maze aravuga ati, Yoo Mwami Mana ya Databuja Aburahamu, ndagusabye, uno munsi, girira nez databuja Aburahamu.

Dore mpagaze iruhande rw'iriba, kandi abakobwa b'abantu batuye uyu mudugudu bagiye gusohoka baje kuvoma amazi.

Nibiba birya: umukobwa ndibubwire nti: ''ndakwinginze, cisha bugufi ikibindi cyawe nyweho, akansubiza ati nywaho nduhira n'ingamiya zawe, abe ariwe watoranirije Isaka umugaragu wawe. Ibyo nibyo bizamenyesha ko ugiriye ubuntu databuja.''

12 Reka turebe no mugitabo cy' I byahishuwe. Kiriya gitabo cya mbere cya Bibiriya. Itangiriro. Ubu rero, mu gitabo cya nyuma cya Bibiriya, ndashaka gusoma mu gice cya 21 cy'Ibyahishuwe, ku murongo wa 9.

Tuzi ibivugwa hariya mu itangiriro, hano… mushobora kuzasoma icyo gice cyose, niba mubishaka. Ni Imana itumye Eliezeri, nako Aburahamu niwe utumye Eliyezeri, mumbabarire, ngo arambagirize Isaka umugeni. N'uko umwari Rebeka aza gusohoka, maze akaba yari igisubizo gitunganye cy'isengesho rya Eliyezeli, umugaragu wa Aburahamu, yari amaze gusenga. Noneho rero ku murongo wa 9 igice cya 21

cy'Ibyahishuwe.

Haza umwe muri ba bamarayika barindwi bari bafite za nzabya ndwi zuzuye ibyago birindwi by'imperuka, avugana nanjye arambwira ati: ''ngwino nkwereke umugeni,umugore w'umwana w'intama.''

13 Ubu kuri uyu mugoroba, ngiye gufata icyigisho gihuye n'ibyo: "Ugutoranya Umugeni." kandi ibi niba mwene Data ufata amajwi abishaka, iyi ni bande uzashobora guha abantu hose. Rero muri ibi... Ni nako ibyo mvuga nigisha hano bidashaka kuvuga neza neza yuko mbibwira iri teraniro riri hano, ahubwo izi bande zijya hose ku isi, zihindurirwa hafi mu, Oh, mu ndimi nyinshi, n'uko zikajya mu bihugu by'abapagani, hose ku isi. Twohereza izi bande ku buntu tubikesheje inkunga y'itsinda riri mw'iteraniro ryacu. Kandi zirasemurwa. Nuko izi bande zizajya hose, mu mashyamba ya Afrika no kugera mu Buhinde, na hose ku isi.

None rero, guhitamo umugeni...

14 Byinshi mu bihereranye n'imibereho y'ubuzima duhabwa ubushobozi bwo guhitamo. Uko umuntu abaho ubwabyo, ni uguhitamo. Dufite uburenganzira bwo gukurikira inzira yacu bwite, bwo gutoranye uburyo bwacu bwite bwo kubaho.

Kwiga ni ihitamo. Dushobora guhitamo, ari uko kwiga cyangwa kutiga. Uko niko guhitamo dufite.

Ikibi n'icyiza ni uguhitamo. Buri mugabo, buri mugore, buri mwana w'umuhungu, buri mwana w'umukobwa agomba guhitamo, byaba ibijyanye no kugerageza kugira imibereho iboneye, byaba ari ukutayigira. Ni uguhitamo. Uguhitamo ni ikintu cy'ingirakamaro.

Imibereho yawe y' iteka ni ihitamo. Kandi ahari kuri uyu mugoroba, bamwe bagiye gukora iryo hitamo ry'abantu bazaba mu iteka ryose, mbere yo gusoza igikorwa cy'uyu mugoroba. Hari ubwo byazaba ko, niba warahinyuye Imana kenshi, hazaba ubwo uzayigizayo bwa nyuma. Hari umurongo ntarengwa uri hagati y'imbabazi n'urubanza. Kandi biteye akaga k'umugabo cyangwa umugore, ku mwana w'umuhungu cyangwa se w'umukobwa ko yarenga uwo murongo, kuko aba ari nta buryo bwo kugaruka bushoboka nyuma yo kurenga irwo rubibi. Ngira ngo, uyu mugoroba uri bube igihe benshi bari bufate icyemezo cyabo kirebana n'aho bazaba mu buziraherezo.

15 Hari irindi hitamo tugira mu buzima; ni iryo guhitamo uwo mugenzi wawe muzahorana. Umusore cyangwa inkumi ukiri muto utangiye gushaka uko yabaho aba afite uburenganzira bwo guhitamo umusore ahitamo. Umwari ukiri muto afite uburenganzira bwo kwemera cyangwa se akanga. Cyakora nyine, ni uguhitamo ku mpande zombi. Umugabo n'umugore bafite bombi uburenganzira bwo guhitamo. Nk'abakristo, namwe mufite gukora amahitamo.

Hano muri Amerika, kugeza ubu, ushobora guhitamo itorero uzajyamo. Nk'umunyamerika, ufite amahirwe yihariye yo guhitamo itorero ushaka kubera umuyoboke. Ni ihitamo. Niba ushaka kutajya mu itorero na rimwe, nta kintu nakimwe kibiguhatira. Ariko niba ushaka kuva mu ry'Abametodisiti ujya mu ry'Ababatisita cyangwa akava mu ry'Abagatorika ukajya mu rya Giporotesitanti, gutyo gutyo, nta muntu ushobora kukubwira cyangwa kuguhatira kujya mw'itorero na rimwe by'umwihariko. Ibyo ni ubwisanzure dufite. Demokarasi yacu ni iyo. Buri muntu ashobora kwihitiramo ubwe. Ni ubwisanzure mu myizerere, ni uko ni ikintu gikomeye. Imana nidufashe ku bugumana igihe kirekire cyose gishoboka.

16 Nawe ushobora guhitamo. Niba… mugihe uhisemo iri torero, ushobora guhitamo, muri iri torero, niba uzaba warahisemo itorero rizakwereka aho werekeza mu buzima bw'iteka. Ushobora guhitamo itorero rifite ihame runaka, maze ugatekereza wenda ko iryo hame rihuje neza neza n'icyo wifuza. Bitabaye ibyo, hari irindi torero rifite ihame ryaryo.

Ikindi, hariho ijambo ry'Imana mushobora guhitamo. Mugomba kwihitiramo. Biremewe hari itegeko ritanditswe muri twery'uguhitamo.

Ndatekereza ko ari Eliya, habayeho igihe runaka ubwo yari ku musozi wa karumeri, nyuma y'igeragezwa rihambaye, kuri iyo saha igoranye bikomeye turimo ubwacu, ubu twenda gushyika. Birashoboka ko wowe cyangwa njyewe tugomba guhitamo kuri uyu mugoroba, nk'uko byagenze ku musozi wa karumeri. Nta shiti ndatekereza yuko aribyo birimo kuba ubu ku isi bose. Uko biri kose vuba aha hazabaho igihe ugomba guhitamo.

17 Namwe bantu muri hano, mukiziritse ku matorero yanyu ya kidini, mutekereza gusa, yuko isaha yegereje ubwo mugomba gukora ihitamo. Ni ukuzinjira mu nama y'isi y'urufatanye rw'amadini cyangwa se kutazongera kuba idini ryemewe. Kugomba kubikora, kandi ni ibyavuba aha.

Ikindi, biteye akaga niba utegereje kugeza kuri iyo saha ya nyuma kuko washobora guhabwa ikintu runaka utazigera na rimwe ushobora kwikuramo. Murabizi, hariho ubwo ushobora kuburirwa, ariko rero, iyo utitaye kuri uwo muburo, iyo warenze uwo murongo, ubwo uba wambitswe ibara, washyizweho ikimenyetso gitereshwejwe icyuma gishyushye.

18 Ni mwibuke, iyo umwaka wa yubire wageraga, ubwo u - umutambyi yajyaga ku ifarashi, akavuza impanda kugirango amenyeshe ko imbata zose zibohowe. Nyamara iyo zangaga kwemera uwo mudendezo wazo-ubwo iyo mbata, bagombaga kuyijyana mu rusengero, bakayegereza inkingi, maze bakayitoboza ugutwi kwe n'igisongo, noneho akazakorera iteka Sebuja. Yakorerwaga ibyo ku gutwi ngo bishushanye ukumvisha amatwi. «kwizera guturuka kubyo umuntu yumva». yari yumvise iyo mpanda ariko ntashake kuyumvira.

Akenshi abagabo n'abagore bumva Ukuri kw'Imana, maze bakabona uko Kuri guhamirijwe kandi ari Ko, ariko n'ubwo bimeze bityo ntibababashe, ku kwumva. Hariho indi mpamvu, hariho irindi hitamo bakoze, aho kwemera ukuri n'ibikugaragaza bigushingiyeho, nicyo gituma byashoboka ko amatwi yabo anangiye akaba atumva ubutumwa bwiza. Ntibazigera bongera kubwumva na rimwe. Dore inama mbagira: mu gihe Imana igize icyo ibwira umutima wawe, bishyire mu bikorwa ako kanya bidatinze.

Eliya yabishyize imbere y'ihitamo ryo akora ''muhitemo uyu munsi uwo muzakorera. Niba ari Uwiteka Imana, ni mumukorere.'' Uyu munsi, nimuhitemo uwo muzakorera. Niba ari Uwiteka Imana nimumukorere » kandi niba Bayari ariwe mana, abe aliwe mukorera.

19 ubungubu nk'uko tubibona ibintu byose bya kamere ni ishusho y'iby'Umwuka, nk'uko twabivuze mu cygisho cyacu cyo muri iki gitondo, iyo turebye izuba n'imiterere yose ya kamere k'ibintu icyo nicyo cyambereye Bibiliya yanjye ya mbere. Mbere rwose yo gusoma urupapuro rumwe gusa rwayo yanditse hose muburyo bugaragaza ibintu biriho byose bya kamere, kandi ibi bintu bihura neza neza n'ijambo ry'Imana : gupfa, guhambwa, kuzuka kw'ibiriho bya kamere, izuba rirarasa, rikambukiranya mu kirere rikarenga, rigapfa, rikongera kurasa. Hariho ibintu byinshi twashobora gutangaho ikigereranyo cyabyo, Imana mu bya kamere, ariko turagomba kubishyira iruhande, bitewe n'ubu butumwa.

20 Noneho, niba iby'umwuka, cyangwa, ibya kamere ari ishusho y'iby'umwuka, uguhitamo umugeni mu bya kamere ni ishusho y'uguhitamo umugeni, umugeni mu mwuka.

Rwose icyo ni ikintu gikomeye, iyo umuntu yitegura guhitamo umugore, mbese ku ruhande rw'umugabo, kuko iriya ndahiro ikorwa n'abiyemeje kuzatandukanywe gusa n'urupfu. Tugomba kuyubahiriza uko wakabaye. Kandi ni imbere y'Imana ukorera iyo ndahiro yuko urupfu rwonyina ari rwo ruzadutandukanya. Ndatekereza ko twakagombye. Umugabo ufite ubwenge buzima, uteganya gahunda yejo hazaza he, yakagombye kwitondera cyane guhitamo uzaba umugore we,mwitongere ibyo mukora. Umugore nawe mu guhitamo umugabo mu bamurambagiza, yakagombye kubyitondamo, by'umwihariko muri ibi bihe byacu. Umugabo yakagombye kubitekerezaho no kubisengera mbere yo guhitamo umugore we.

21 Uko mbibona, kuri ubu, igitera gutandukana kw'abashakanye bingana kuriya, ku buryo ari twe muri Amerika turi ku isonga ry'abatana ku isi .dufite umwanya wa mbere ki isi yose. Muri iki gihugu hari ubutane bw'abashakanye kurenza ahandi hose, n'ubwo twitwa ko turi igihugu cy'abakristo, bikanaba bifatwa gutyo. Mbega igisebo duterwa! Inkiko zacu zitanya abashakanye! Uko mbibona ikibitera ni inkurikizi z'uko abagabo… bagiye kure y'Imana n'uko n'abagore nabo bagiye kure y'Imana.

Turabona ko iyaba umugabo yabisengeraga n'umugore akabisengera, ntibyaba gusa ari ukugira ngo hitabweho amaso ye meza, intugu nziza zikomeye, n'ibindi nk'ibyo, cyangwa se ikitabwaho n'abisi; ahubwo, iyaba babanzaga kwita ku Mana maze bakavuga bati: '' O Mana, mbese ibi bihuje n'ugushaka kwawe?''

22 Ndasanga uyu munsi hariho ubucakura bwinshi burenze nko mu mashuri tuhafateho. Iyo abana banyuze imuhira mu gitondo, abana benshi duturanye, bakaba ari n'incuti zanjye, banyuraga iwanjye, nuko bakavuga ngo: “mwene Data Branham, mbese ntiwadusengera? Turakora ikizami uyu munsi. Naraye niga ijoro ryose ariko ndasa nkaho ntageze ku ntego. Nsengera.” Ndatekereza ko umunyeshuri wese, niba u… kandi namwe ababyeyi, iyo muri ku meza mu gitondo, mwashobora kubikora. Kuvuga muti: “mubyeyi Yohana arakora ikizami uyu munsi. Tumusengere none aha.” Ndatekereza ko byaba byiza birenze ikindi washobora gukora, n'uko yareba ku rupapuro rw'undi, maze agakopera. Ndatekereza ko mwakagombye kubivuga, maze mukabisengera.

23 Nuko iyaba twagenzuraga ibyo turiho dukora mu gihe tugamije kurushinga, iyo duhitamo umugore wacu, umugabo wacu, iyaba twagenzuraga iki kibazo tukinononsoye! Umugabo yakagombye gusengana umwete, kuko yashobora gusenya imibereho ye yose. Nimwibuke yuko iyo ndahiro ari: “kugeza ubwo urupfu ruzadutandukanya”, bityo umugabo yashobora gusenya imibereho ye mu gihe ahisemo nabi. Kandi, niba ubizi, iyo atoranije nabi, maze akarongora umugore udakwiranye nawe, ariko nyine akabikora, ubwo ni ikosa rye. Niba nawe nk'umugore, wemeye ko umuntu akubera umugabo uzi yuko atabikwiriye, ubwo rero ni ikosa ryawe, kuko wari uzi ikiri kiza n'ikiri kibi. Bityo ntiwakagombye kubikora mbere yo gusenga byimbitse kugeza ubonye ubwo igisubizo cy'Imana.

24 Ninako bigenda mu guhitamo itorero. Wakagombye gusenga kugira ngo umenye itorero uzasabaniramo,rizagufasha kuramya. Mwibuke ko insengero zifite imyuka izirimo.

Nyamara sinifuza kunenga. Ahubwo ndi umukambwe ukuze ukwiye gutabaruka muri iyi minsi. No ku munsi w'urubanza, nzabazwa ibyo nzaba naravuze kuri uyu mugoroba cyangwa n'iby'igihe kindi. N'uko niyo mpamvu ngomba kutajenjeka na busa no mukuba mbyemera koko.

Maze rero, uzajye mu rusengero, n'uko mwitegereze imyifatire y'iryo torero, hanyuma iyo murebe gato umushumba waryo muri rusange muzasanga itorero ryitwra nk'umushumba waryo. Rimwe na rimwe niba Atari imyuka yacu duhanahana tukayakira, aho kuba ari umwuka wera. muzajye ahantu hari umushumba w'intagondwa kandi ushyushya urugamba, uuzasanga n'itorero ariko rimeze. Nashobora kubajyana mu rusengero nabonyemo umushumba uhagarara aho, maze akazunguza umutwe awerekeza imbere n'inyuma. Mwitegereze abahasengera, babigenza kimwe. mufate umushumba upfa kwemera ntagushishoza muri rusange n'itorero rye rizagenza kimwe. Bityo niba ngomba guhitamo itorero, nzahitamo irigendera nyabyo kuri Bibiliya, itorero ryubatse ku ry'ubutumwa bwuzuye, niba ngomba guhutamo iryo koherezamo imuryango wanjye. muhitemo.

Naritegereje…

25 Umunsi umwe, abana b'abahungu, umuhungu wa mwene data shakarian n'umukwe we, banzanye hano ngo nsengere umusore w'umuririmbyi, umuhungu utangaje. Nariho ntaha —yitwa Fred Barker,—nari mvuye mu rugendo ntaha baranterefinnye bambwira ko ‟ Fred yari agiye gupfa.” Hanyuma mbere y'uko mbashije kwinjira mu nzu, haje ubundi butumwa buvuga ngo: ''ahari yarangije gupfa kuri ubu.‟ Bavuga ko yaviriye mu bwonko, ko yagagaye n'u—n'uko yariho asamba, kandi ko umugore we yifuzaga yuko musengera.

Naribwiye nti: ''ningerageza kujya yo n'indege, arapfa ntarahagera kandi n'ubui wenda yarangije gupfa.‟ Nuko, nta gushidikanya, narahamagaye, maze nakirwa n'uwo mugore kuri Telefone. Maze dushyira Telefoni ku gutwi kwa Fred. Ntiyashoboraga kumiraza. Yagaburirwaga hakoreshejwe umuheha w'umupira. Nuko kumusengera birangiye, avuga mu marenga akicaye, ngo bamuvane icyo kintu mu muhogoyicaye amarenga ngo bamuvane icyo kintu mu muhogo. Yashoboraga kumira. Abaganga ntibabyumvaga. Bavanyeho uwo muheha, kandi bukeye yashoboye kumira. Yari yicaye yemye neza.

Itorero, guhitamo Itorero.

26 Hashize umwanya twumvise Telephone ihamagara. Muri iki gitondo, hari umwizera w'umugore wapfuye wo mu itorero ryanjye, yari umubatisita wa Louisville nk'uko bigaragara byabaye kare mu gitondo. Nuko itorero ryanjye ry'aho, itsinda ry'abantu biyeguriye Imana koko, ryateranye kandi rijyayo mbere y'uko abashinzwe gushyingura bamusiga imibavu; bahagaze hafi ye, maze barasenga kugeza ubwo ubugingo bumugarutsemo. Ni muzima ubu kuri uyu mugoroba. Kubera ko babigishije ko mu kwizera byose bishoboka, abasaza b'itorero begereye Imana bibavuye ku mutima.

Bityo ugomba guhitamo neza.

27 Byongeye kandi, imiterere y'umugore umugabo yahisemo, ibyo biba byerekana ibyo ararikiye. Niba umugabo ahisemo umugore udakwiriye, ibyo byerekana imico ye kandi icyo yifatanya nacyo cyerekana ikimurimo nyakuri. Umugore agaragaza ikiri mu mugabo wamutoranije ngo bubakane. Ibyo byerekana ibimurimo. N'ubwo yaba atangaza ibimeze bite, murebe ari muntu ki yashakanye nawe.

Ngeze mu biro by'umuntu wiyita umukristu, hari ibintu by'isi bitatse ku nkuta zose hamwe n'indirimbo z'isi. N'ubwo yavuga ate. Sinakwemera ubuhamya bwe, kubera ko umwuka we ugaburirwa ibintu by'isi. Tuvuge ko arongoye umukobwa ubyina imbyino igezweho y'isi cyangwa akarongora umwamikazi w'igitsina, cyangwa se iribagiza rya “ricketta” ugezweho! Birerekana ikintu. Byerekana ikintu. uko abona umuryango azagira, kubera ko ari we mugore yahisemo ngo azarere abana be. Kandi nyine azarera abana be bishingiye ku miterere ye. Bityo ibyo bigaragaza ibiri muri uwo mugabo. Umugabo uhitamo umugore umeze atyo yerekana rero uko abona ahazaza he.

Washobora se kwiyumvisha umukristu wakora ibintu nk'ibyo? Oya, mugabo njye sinabishobora. Umukristu we natazararikira, ntazashakisha mu ba nyampinga b'uburanga, nabo babyinnyi b'umuziki w'isi n'abamikazi b'igitsina. Azashakisha ufite umuco wa gikirisitu.

28 Washobora se kwiyumvisha umukristu wakora ibintu nk'ibyo? Oya, mugabo njye sinabishobora. Umukristu we natazararikira, ntazashakisha mu ba nyampinga b'uburanga, nabo babyinnyi b'umuziki w'isi n'abamikazi b'igitsina. Azashakisha ufite umuco wa gikristu.

Ni byiza, koko ko mukristu ahitamo umugeni, birakwiriye ko atoranya umukobwa wavutse ubwa kabili nyabyo uko yaba asa kose ku mubiri. Icyo ari cyo muri we nicyo kimuha agaciro. Aho naho biragaragaza umuco w'Imana umugabo afite, bigaragaza ikiri mum utwe we n'uko abazaza he hazamera, kuko umuryango we uzarerwa n'uwo mugore, bikazageza heza ibyo agamije yitayeho birebana n'ahazaza h'urugo rwe.

Niba ushatse umwe muri turiya twa «Ricketta » tugezweho, muri aba bamikazi b'igitsina, ashobora

kubivanamo iki? Ni uruhe rugo umugabo ashobora kubona ko azagira. Niba arongoye umukobwa ubuze umutima wo kuguma imuhira no kwita ku rugo rwe, yishaka gukora imirimo yo hanze, mu biro by'undi muntu, uyu koko yaba umugore wubaka urugo? Muzagira umuyaya w'abana n'ibindi ntavuze. Ni ukuri.

29 Rwose sinshima cyane iki cyerekezo cy'abubu ; abagore bakora imirimo runakaiyo mbonye abo bagore bambaye imyenda ya gipolisi, bahitaga muri uyu mujyi bari ku mapikipiki —biteye isoni kuri buri mujyi kureka umugore ngo akore ibimeze bityo.murabona? mugihe hariho abagabo benshi badakora, birerekana uburyo bugezweho bwo gutekereza k'umujyi wacu. Birerekana ukugwa, uguta agaciro. Nta kiduhatira nabusa gutungira aba bagore hanze, gutyo. Icyo gihe ntibaba bari mu mwanya wabo iyo mhanze bimeze bityo.

Ubwo Imana yahaga umugabo umugeni, yamuhaye ikintu cyiza birenze, yashoboraga kumuha nyuma y'agakiza. Ariko iyo umwe muri abo bagore agerageje gufata umwanya w'umugabo, ubwo aba abaye ikibi cyaje mu rugo. Kandi ibyo ni byo. Murabona?

None rero, dushobora kubisobanuza iby'Umwuka.

Nda - ndabizi ko biteye ubwoba murasanga biteye ubwoba, ariko ni ukuri. N'ubwo byaba biguteye ubwoba, tugomba kwemera uko bimeze. Ni ibyo bibiriya yigisha. Murabona?

30 Ikindi, hano turitegereza iby'umwuka, bijyanye na gahunda y'imana ku buturo bwayo buzaza hamwe n'umugeni wayo itugaragarira ubu ngubu.

Niba umugabo ashatse ihogoza mu by'igitsina, murabona aho yerekeza ahazaza he. Niba umugabo ashatse umugore utakwemera kuguma mu rugo, murabona? Murabona icyo yiteze ku hazaza. Rimwe, na…

Ibi birasa n'ibiteye amakenga. Ariko ndumva nabivuga, muri rusange niba numva navuga ikintu, ni uko nakagombye kukivuga. Kandi ubwo nibwo buryo bwo gukora kw'Imana.

Kera na—naherekezaga umworozi twakoranaga, iyo yajyaga kugura amatungo. Maze nza kubona ko iteka uwo musaza yitegerezaga umutwe w'inyana ateganye na yo neza mbere yo kuvuga igiciro yifuza. Hanyuma yahindukizaga umutwe, n'uko niko akayitegereza inshuro nyinshi. Naramukurikiraga, mureba. Akayitegereza kuva hejuru kugeza hasi, ngo arebe niba ishusho yayo ikwiriye igihagararo cyayo. Nyuma, nyuma yayitegerezaga mu maso, ndetse rimwe na rimwe yazunguzaga umutwe, maze akigendera akayireka.

Nza kuvuga nti: "Jeff, ndifuza kugira icyo nkubaza."

Nuko aravuga ati: "ngaho, Bill."

Ndavuga nti: "kubera iki witegereza iyi nka mu maso uteganye nayo neza mu ruhanga rwayo?" ndavuga nti: "irasa n'imeze neza, ni inka nziza, nziza y'umushishe."

Aravuga ngo: "mwana wanjye ngomba kukubwira ko ugifite byishi byo kumenya." Nuko naje kubyibonera neza amaze kumbwira atyo. Aravuga ati: "ntacyo bimariye kuba iremye neza. Nubwo yasa neza ku mubiri kugeza ku binono. Ariko niba irebana umujinya, ntukayigure rwose."

Ndavuga nti: "kubera iki Jeff?"

"Maze rero" aravuga ngo: "icya mbere", arakomeza ati: "ntiyaguma hamwe." Arongera ati: ''ikindi, ntizigera ibera imbyeyi inyana yayo.'' N'uko aravuga ati: hariya bayishyize ahazitiye, niyo mpamvu ibyibushye. Yireke yisanzure, ni inya ndoro mbi izirukanka kugeza bayishe!

Iriya ndoro ikarishye, idafashije, ya ''ricketta'', byaba byiza utayegereye, mwana wanjye—ariya maringoshyo ya bururu afite hejuru y'ama… sinyashaka. Sintekereza ko bikwiranye n'umukristo kazi. N'ubwo Television n'ibinyamakuru byatera hejuru cyane bivuga ko ari byiza. Ni ikirori kibi kirenze kandi giteye ubwoba ntarigera mbona kuva nabaho.

31 Ubwa mbere mbona ibyo hari mu gitondo muri Clifton bafata ikawa mu gihe cy'igaburo rya mugotondo. Nabonye bamwe muri abo bakobwa batwegeraga.. mwene data argambright yari amaze kuhagera najye ari uko. Yamanukiye kuri etage yo hasi. Naje kubona umukobwa w'inkumi winjiraga. Ndibwira nti : maze rero si —si—si nzi sinari nigera mbona ibyo. Byari uburyo bwo, oh, wagirango yariho asenyagurika, urazi, kumureba byari biteye ishozi. Simbivugira gusetsa. Nda—ndabivuga… murazi, nabonye ibibembe. Ndi umubwiriza wagenze. Nabonye amoko yose y'ubumuga, murazi, yatewe n'indwara zinyuranye. Nari ngye kwegera uwo mukobwa ngo mubwire nti: ''ndi—ndi umukozi w'Imana nse—nsengera abarwayi. Mbese wakwifuza ko ngusengera?'' Nta gisa gityo nigeze kubona. Nuko ubwo hinjira abandi babili, cyangwa batatu. Icyo gihe nasubiye inyuma maze ndategereza.

Mwene Data argambright araza n'uko ndamubwira nti : "mwene Data Argambright?" birashoboka ko yaba ari hano ndavuga ngo: "uriya mugore afite iki?'' murabona? Yaravuze ati : "biriya ni ibyo yisize ngo

ahindure ibara."

'hari icyo nari ntekereje.'' Murabona ? nari nibwiye ko bakagombye kumurindira ahashyirwa abarwaye ubushita, ahantu hamwe, murabizi, kugira ngo bitanduza abandi bagore.

32 Ariko, murazi, ugomba kugira umugambi, kwitegereza, gusenga, iyo ugamije guhitamo. Kuko tubiboneshwa n'iri jambo ry'isezerano: we, umugeni umugabo azahitamo azagaragaza umuco w'uwo mugabo. Bibonesha ikiri muri uwo mugabo.

None se washobora kwiyumvisha ko umugabo wuzuye Umwuka Wera agira umugore we ikintu nk'icyo ? [iteraniro riti : "Oya.''—U.I] si—si—simbona mu by'ukuri uko byagenda, mwene Data. N'ubwo wenda naba ndi umushinyaguzi ubisaziyemo. ariko, murabizi, ibyo nti—ntibijyanye na mba, murabona, ni mwitegereze, kuko bigaragaza ibimurimo. Ubwo umugore niwe ugiye kumufasha gushinga urugo rwe rw'ahazaza.

N'uko noneho ubu nitugaruke akanya gato ku ruhande rw'iby'Umwuka. Iyo ubonye itorero riri mu isi ryifata nk'isi, rishimishwa n'iby'isi, ryifatanya n'isi, kuri ryo amategeko y'Imana akamera nk'aho itigeze iyandika na rimwe, ubwo nawe nti—ntiwibaze rwose ko azagira uwo muntu umugeni we. Ushobora se kwibaza, kugira itorero mugeni rigezweho ry'iki gihe ? si Umwami wanjye wakora ibyo. Simbi… birangaragarira nabi. Oya. mubyibuke, umugabo n'umugore bagize umubiri umwe. Umugabo n'umugore we bagize umuntu umwe. Ese wakwifatanya n'umuntu nk'uwo? Uramutse ubikoze, bizakura rwose mu gitereko icyizere nari ngufitiye.

33 Ubwo se, muratekereza ko n'Imana yakwifatanya n'ikintu nk'icyo, indaya nyayo y'idini ? muratekereza ko izabikora ? ''bafite ishusho yo kwera ariko bagahakana imbaraga zako.'' nta narimwe yabikora. Rigomba kugira muri ryo imico yayo. Itorero ry'ukuri, ry'irinyakuri, ryavutse ubwa kabiri rigomba kugira umuco wari muri Kristo, kuko umugabo n'umugore bagize umubiri umwe. Niba Yesu yarakoraga gusa icyashimisha Imana, akaba yarigaga gusa ku ijambo ryayo kandi akarigaragaza, n'umugeni we agomba kugira umuco nk'uwe. Ntabwo ashobora na busa kuba idini. Kubera ko mu gihe bimeze bityo, ntacyo bimaze ngo ushake kwanga uvuga ngo ''Oya'' kandi idini ryo rigengwa n'inama y'ubutegetsi iribwira icyo rigomba gukora n'icyo ridashobora gukora, n'uko akenshi bikaba bihabanye n'ukuri kw'ijambo ho ibirometero amamiriyoni atabarika.

34 Birababaje ko twitaruye Umuyobozi w'ukuri twasigiwe n'Imana ngo ayobore itorero. Ntiyigeze yohereza abagenzuzi b'urwego rusange. Ntiyigeze yohereza Abansenyeri, Abakaridinari, Abapadiri, Abapapa. Ni Umwuka Wera yatumye ku itorero, ngo ariyobore. ''We, Umwuka Wera naza, azabayobora mu kuri kose. Azabahishurira ibi bintu nababwiye, azabibibutsa, kandi azababwira n'ibizabaho.'' Ni ibyo Umwuka Wera yagombaga gukora. Kandi itorero ry'ubu ryanga iyo ngingo, amatorero ntakunda icyo kintu, —ubwo se, ni gute ryashobora kuba umugeni wa Kristo? abantu b'uyu munsi, icyo bahitamo ni idini rigezweho. N'uko ibyo bikagaragaza gusa imyumvire yabo idasobanutse y'Ijambo.

Sinshaka gukomeretsa, ariko ndifuza kubicengezamo bihagije ngo mutahure uko bimeze.

35 Nashyingiye abashakanye benshi, kandi buri gihe ibyo iyo bibaye binyibutsa Kristo n'umugeni we. Hashize igihe runaka, bumwe mu bukwe nasezeranije banyirabwo barambereye ikintu cyasize ikimenyetso mu kubaho kwanjye. Hashize igihe bibaye ari nabwo nari nkiri umubwiriza ukiri muto.

Umuvandimwe wanjye yakoreraga ibikorwa remezo. Sinzi niba hari umuntu ushobora kuba akibyibuka cyangwa se ari ntawe, umuntu waba ukuze nka njye. Byari umushinga wa Leta. Nuko umuvandimwe wanjye yawukoragamo byari kuri mayilo nka mirongo itatu[km48]. Bacukuraga ibiyaga, bijyanye n'umushinga wo kubungabunga ibiudukikije.

Doc aravuga ati: ''maze rero mukuru wanjye ni umubwiriza, kandi ahari yakwemera kubasezeranya.'' Aravuga ati: ''nta narimwe nishyuza abantu bitewe n'igikorwa nk'icyo.''

Aransubiza ati : '' wakwemera kumunsabira ko yanshyingira ?''

Maze uwo mugoroba, umuvandimwe wanjye arabinsaba. Ndavuga nti: niba bombo buri wese ari ntawigeze ashaka kandi bikaba binyuze mu mategeko, aravuga ati: nibyo, ndabyumvise, ngiye kumubaza.'' Nongeyeho ngo: ''niba bimeze neza , umubwire ko ashobora kuza.''

36 Nuko, kuwa gatandatu wakurikiyeho, uwo muhungu yaraje. Bimbera igitangaza buri gihe iyo nongeye gutekereza ibi bintu. Nda… imvura yaragwaga, ari nyuma ya saa sita, maze imodoka ishaje ya Chevrolet yari ifite amatara ayiziritsweho n'insinga z'ubutare ihagarara imbere y'inzu. Ni nyuma gato y'igihe nari maze kubura umugore wanjye, nkaba naribanaga mba mu twumba tubiri. Kandi Dore yari aho hamwe na njye, twembi tubategereje.

N'uko umwana w'umuhungu ava mu ivatiri kandi uko nabibonaga, ntiyasaga n'umuntu witeguye kurongora, nkaba ntekereza ko n'undi wese aba yarabifashe kimwe na njye . Yego. Mba narashoboye

kwambara… kugura inkweto nziza bihagije ku idorari rimwe n'igice. Izo yari yambaye zari zishaje rwose. Kandi yarerembaga no mu ipantalo ye. Yari anambaye ikimeze nk'ikoti rishaje ry'ibyoya by'ipamba. Sinzi niba abakambwe muri mwe bakibyibuka. Wagira ngo barinyujije mu mashini imesa, nta kuryunyuguza, ryari ryuzuyeho imikori, kandi rihambiranije gutyo, agahande kegutseku kandi.

37 Nuko umukobwa w'inkumi asohokera nawe ku rundi ruhande, yari yambaye igisa, oh, igisa n'agakanzu gashushanijeho za karo.

Simbizi. Rimwe naribeshye maze mvuga izina ry'uwo mwenda. Ni Gingham, ndakeka ko ariko witwa. N'uko byari… [iteraniro riraseka=U.I.] ndavuga nti na none nabivuze nabi. Iteka nda—ndabikora. Maze ndavuga…

Umukobwa yasohotse mu ivatiri, nuko bazamuka badusanga. Maze—igihe binjiye, ako gakobwa k'agakene, ka… ndatekereza ko ako gakanzu ari ko konyine yari afite, rwose ni ako gusa yari yambaye, akajipo. Wavuga ko nta nkweto yari afite, amanutse ava Indianapolisi atwawe ku buntu mu modoka yateze. Imisatsi ye yageraga ku mugongo, afite ibisa n'imisatsi iboshye bigera ku mugongo. Nabonaga asa nk'ukiri muto. Naramubajije nti: ''uri mu kigero cyo gushaka?''

Arikiriza ati: ''Yego, mugabo.'' Nuko aravuga ngo: "mfite uruhushya nandikiwe na Data na Mama.'' Yaravuze ati: ''nagombye kurwerekana hano, mu rukiko kugira ngo mbihererwe icyemezo.''

Ndavuga nti: ''ni byiza cyane.''

Ndavuga ngo: ndifuza kugira icyo nkubwira gato mbere yo kubashyingira.'' Baricara. Umuhungu yararanganyaga amaso ku nzu. Yari akeneye rwose .. yararanganyaga amaso mu kumba. Ntiyanyumvaga. Ndavuga nti : ''mwana wanjye, ndifuza ko wumva ibyo mvuga.'' Aravuga ngo: ''Yego mugabo.''

Nanjye nti: ''mbese ukunda uyu mukobwa?''

Aravuga ati : ''yego mugabo, ndamukunda.''

Ndavuga nti : '' nawe se uramukunda?''

—yego, mugabo. Ndamukunda.

Ndavuga nti : '' none se ufite aho mutaha mumaze gushyingirwa ?'' aravuga ngo: yego, mugabo.''

Ndabaza nti: ni byiza cyane. Kuri ubu.'' Ndavuga ngo hari icyo nifuza kubabaza. Niba numvise neza, uko rero hano umushinga w'ibikorwa remezo.'' Aravuga ngo : ''yego, mugabo.'' Byamuhaga nk'amadorari cumi n'abiri mu cyumweru. Ndavuga nti: '' ese uratekereza ko azabona ibyo akeneye?'' aravuga ngo: '' nzakora ibishoboka byose.''

Ndavuga ngo : ''rwose, ni byiza cyane.'' N'uko ndavuga nti : ''ariko se niba uyu musore ageze aho akabura… niba abuze uyu murimo, mushiki wanjye ? mbese uzakora iki? Uzisubirira iwanyu wirukanka, kwa so na nyoko ?'' aravuga ngo: ''Oya, mugabo. Nzagumana nawe.''

N'uko ndavuga nti: nawe mugabo, nimugira abana batatu cyangwa bane, nta n'icyo kubagaburira na busa, kandi udafite umurimo. Ni iki uzakora? ni ukumwirukana se?''

Aravuga ngo: ''Oya mugabo. Nzakomeza mpangane. Tuzirwanaho.''

Numvise ncishijwe bugufi rwose. Mbonye ko yamukundaga n'uko bakundana bombi. Mperako ndabashyingiraAravuga ngo: ''Oya mugabo. Nzakomeza mpangane. Tuzirwanaho.''

Numvise ncishijwe bugufi rwose. Mbonye ko yamukundaga n'uko bakundana bombi. Mperako ndabashyingira

38 Hanyuma, naje kwibaza aho yamujyanye. Hashize iminsi mike, nabajije murumuna wanjye Doe aho hantuaho ali ho. Aravuga ati: ''manuka ujye I New Alban y'umujyi mutoya uri munsi y'iwacu.

Ku nkombe y'umugezi hariya, nari nitwikiriye agace gato k'ibati, ndi ahantu najyaga buri munsi, igihe na=namanikagaa insinga z'amashanyarazi. N'uko, iyo abandi bagabo bicaraga hamwe bavuga urwenya, n'ibindi byose, njye nasimbukiraga mw'i kamyo maze nkamanuka njya ku mugezi, nuko ngasenga muri icyo gihe!...?... kandi nasomaga Bibiliya yanjye, ndi munsi y'igice kinini cy'ibati, ahantu higeze kuba uruganda rwa kera rukora ibyuma. Ikindi, hari n'ikirundo cy'ibisazirwa by'ikimodoka yatwarwagamo ibicuruzwa.

Uyu musore niho yagiye, afata kimwe muri ibyo bisazirwa bya gari yamoshi byari biri aho, maze acamo umuryango. Hanyuma yafashe ibipapuro by'ikinyamakuru n'utuntu two kubibambisha...Ni bangahe bazi utwo tubambisho? Ubwo nta muntu uri hano ukomoka muri Kentucky. N'uko ufata igice cy'ikarito, maze ugacengezamo ka gasumali gatoya. Maze hanyuma ukagacengeza mo. Icyo ni cyo gasumali

k'icyuma.

39 Bari barabishyize rero ibyo hose. Kandi yari yaragiye gushaka ibikoresho mu ruganda rw'ibyuma ngo abyubakishe ahirengeye. Yari yarafashe amasanduku amwe ashaje ngo akoremo ameza. Umunsi umwe, naribwiye nti: "ngiye kunyura hariya maze ndebe uko bameze.''

Nk'amezi atandatu mbere y'abwo, nari nashyingiye umukobwa wa E.V.Knight k'umuhungu wa E.j. Slider. n'uko E.V. Knight ni umwe mu bantubakize cyane. Bari ku ruzi rwa Ohio, kandi, rwose, afite inganda zikomeye muri ako karere, zikora ibikoresho byubaka amazu y'ako kanya n'ibindi. naho E.T. Slider, we afite ishyirahamwe ry'umucanga n'amabuye mato. ni abana b'abatunzi babaherwe. Nuko nari narabashyingiye.

Nagiye ahantu dukora imyitozo mu byumweru nka bibili; twagombaga kwinjira nko mumodoka, maze tugapfukama ku ntebe. Hari ibirangaza bikurura amaso n'imyifato yo kubahiriza ntigeze nyuramo, mu by'ukuri, nagombye kuyubahiriza ngo nshyingire abo bombi! N'uko bamaze kwigendera, rwose bari… abo bandi bombi bato bari aho gusa mu kimeze nk'akumba gato karimo Sofa ntoya n'igitanda kizingwa, kandi uzi ngo zombi zari zarakorewe umuhanga umeze kimwe wo kubashyingira

40 Ni uko umunsi umwe, nagize igitekerezo cyo gusura urwo rugo rw'abakire. Ntibari bakeneye gukora, bose bari batunze amamiriyoni. Bari barabubakiye inzu nziza. Mbabwira byose mvuga kuri EV. Knight. Yari hariya hejuru ku musozi, aba mu ngoro nini ifite imiryango ifungishwa ikare igizwe na kara cumi n'enye, ubwo mukaba mushobora kwiyumvisha uko inzu batuyemo imeze, ntibari bakeneye gukora. Buri mwaka babahaga Cadillac nziza. Bari n'abana b'ikinege, bityo dore ko bari bafite mu by'ukuri ibyo bashakaga byose. Ubwo umunsi umwe nageraga aho batuye.

Maze uko namenyanye nabo ni uko umwe mu nshuti zabo yari n'umwe mu nshuti zanjye nziza. Nuko twese twari dufitanye ubusabane buciriritse. Ni gutyo namenyanye nabo, ubwo banshakaga ngo mbashyingire.

41 Naje rero kujya kubasura. Nasohotse muri Ford (Imodoka) yanjye ishaje ngeze imbere y'inzu yabo maze nzamuka ku nzuririro n'uko ngeze hejuru, nari hafi gato yo kubegera cyane, maze ndabumva. Bariho batongana. Bari bafitanye ifuhe ku mpande zombi. Bari bagiye kubyina. Yari umukobwa usa neza cyane, yagereranywa n'umwe muri bariya ba nyampinga mu by'uburanga. Yari yaranatsindiye ibihembo byinshi muri ako karere, maze muri ibyo ahembwa ibirimo amavatiri n'ibindi bintu bitewe n'uko yabaye nyampinga mu by'ubwiza. Narabitegereje, maze umwe akaba yari yicaye mu mfuruka n'undi mu yindi. Nuko bakaba baratonganaga bapfa umuhungu umwe wabyinanye n'umugore we cyangwa se biva k'umukobwa umwe, ibintu nkibyo.

Nkimara kubegera, bahagurukanye ibakwe n'uko barasingirana, bahana ibiganza, bagana ku muryango. Baravuga ngo: ''Ikaze rwose, mbega, uraho, mwene Data Branham! Umeze ute?''

Oh!umugabo yaravuze ati: nda - nda… turanezerewe cyane. Sibyo se, mukunzi?'' n'uko umugore naravuga ngo. ''yego, mukunzi.''

42 Aho, urebe ikintu kitari ukuri nyako. Nibyo, ko udashobora gushyushywa n'ishusho y'umuriro ikozwe mw'irangi, nk'ariya matorero amwe agerageza gushushanyisha irangi ibyabaye kuri Pantekote yerekana ikintu cyabaye mu myaka igihumbicyangwa ibihumbi bibili bishize. Ntushobora gushyuha uri imbere y'ishusho y'umuriro ishushanije n'irangi. Pentekote ni ikintu cy'ukuri cy'uyu munsi nk'uko byari bimeze ubwo. Murabona se? yego. Umuriro uraka ugakongora. Si ishusho y'umuriro.

Noneho rero, dore, bo, babaye muri mibyo. Murabona? Si—sinifuzaga kubaho ntyo

43 ''Oh ! '' naribwiye nti, ''urabizi, hepfo neza, ku rundi ruhande rw'umukingo, hafi y'umugezi, aho niho urwo rugo rundi rwagiye gutura.'' Nibwiye ko nko kuwa gatandatu , nyuma ya saa sita, nzanyarukirayo kugira ngo ndebe uko bameze.

Nuko mu maso hanjye hari handuye, nambaye isarubeti yanduye kandi nari nitwaje n'ibikoresho byanjye. Ndibwira nti: ngiye kubatungura. Nahageze bucece nsa n'uriho agenzura niba ibikingira ku nsinga z'amashanyarazi byangijwe n'inkuba cyangwa n'ikindi kintu, nkaba naranyuraga iruhande rw'umugezi ukikijwe n'izo nsinga. Ya chevrolet ishaje yari imbere y'aho baba. Ni nka hafi y'umwaka nari maze kubashyingira nuko hari… urugi rwari rufunguye, kandi numvaga bavuga. Nasaga n'umuntu uteye amakenga, ndi aho, maze nigira hafi ngo nshobore kumva, kureba ibyo bavugaga. Nagumye aho. Nashakaga rwose kumenya uko byari biteye.

Nkunze gushishoza kugira ngo ngenzure neza ibyo mvuga. Niko mbigenza no ku by'ijambo ry'Imana. Ese ni ryo kuri ? cyangwa ntabwo ari ryo kuri? Imana izakomera ku ijambo ryayo cyamgwa ntizarigumaho ? niba itarikomeyeho, ubwo ntizaba ari Imana. Murabona ? niba koko ishyigikiye ijambo ryayo, izaba ari Imana. Murabona ?

44 Nuko rero, nifuzaga kubona uko bari bameze. Niyorobetse buhoro ku rukuta. Numvise umugabo avuga ngo : ''oh, mukunzi, mba narifuje kukugurira akantu, rata.''

Undi aravuga, ati: ''Yego mukunzi wanjye.'' Arakomeza ati: iyo kanzu ni nziza cyane.'' Kandi, ati: ''turebe, irankwiriye rwose pe!'' Aravugango: ''birerekana ubuntu bwawe bwinshi. cyakora urabona…

Negeye hafi mbegera ngo nshobore kurebera mu mwenge kuko rwa rugi rwa wago y'ibicuruzwa rwari rufunguye. Umugabo yari yicaye aho n'umugore yicaye ku mavi ye. Umugabo yari amuhobeye n'ukuboko kwe n'undi ari uko. Yari afite igisa n'ingofero ishaje itendeye, yari yaratoboyemo akenge, hejuru yarayibwataraje, maze akabikamo umushahara we. Ya—yariho awubarira ku meza. Aravuga ngo : ''ari ay'ibirungo. Ari ay'ubwishingizi. Kandi n'ay'ivatiri. '' kandi ntibashoboraga kubona azabahaza ukwezi. Nasobanukiwe ko yari yabonye agakanzu gato mu idirishya aho hantu, byari bimaze ibyumweru bike akitegereza, kaguraga idorari rimwe n'imisago. Yifuzaga kukagura. Yaravugaga ngo : '' Rwose mukundwa kazagukwira uberwe.'' Maze akavuga ngo … Umugore arambwira : ''cyakora, mukunzi , nsanzwe mfite ikanzu. Si—sinari nkeneye iyindi ni ukuri.'' Murabona.

Ni uko, ako kamikazi…

45 Nasubiye inyuma, maze nubura amaso ndeba hejuru. Nabonye umwambi uri ku gasongero ka ya nzu yindi. Nahagaze aho, maze nitegerezaho iminota mike. Ndibwira nti : ''ni nde muntu w'umukire niba wowe Bill Branham, niba washoboraga guhitamo hamwe muri aha hantu, wajya hehe?'' kuri njye si nagana kuri buriya buranga bugaragara ku mpinga y'umusozi. Nagana kuri uyu muco wa kimuntu uri hano mu kabande, hari umugore nyawe wo mu rugo, unkunda akagumana nanjye, umuntu ugerageza kubaka urugo; utari umuntu ukunyunyuza ngo abone ibimurimbisha byose by'agahozo n'ibimutaka, ahubwo umuntu abona nawe, uba ari urugingo rwawe.

46 Si nigeze mbyibagirwa, ibyabereye aho. Umwe yahisemo uburanga undi ahitamo ufite imico. Uburyo bwo guhitamo ni bumwe bwonyine. Banza ushakishe umuco, hanyuma niba umukunda, biratunganye

Ni mwitegereze Adamu wa mbere w'Imana ntiyahawe ubushobozi bwo guhitamo umugore we. Ntiyagize ihitamo. Imana gusa yamuremeye uwo umwe siwe wamwihitiyemo. N'uko turasanga ko wa mugore yamutesheje ijambo ry'Imana. Ntiyabonye uko ashobora gusengera icyo kibazo. We. We—we, si nka we na njye. Ntiyagize uko yahitamo. N'uko rero, ni bityo umugore yamutesheje umwanya uboneye w'umwana w'Imana—kandi yabikoze amwereka uburyo bwo kubaho buteye imbere birenzeho, ikintu rwose batakagombye gukora. Ariko amatwara ye yerekanye ko yateshutse ku kuri. Imigambi ye n'intego ze ntizari nziza mu by'ukuri. Akoresheje ibitekerezo by'ubwenge yeseje umuhigo wo kumwemeza yuko umucyo mushya w'ibigezweho yari yabonye, nyamara utari uhuje n'ijambo ry'Imana, wari uburyo bushya bwo kubaho.

47 Ni abagore bangahe uyu munsi, cyangwa se abagabo ku rundi ruhande, bashobora kujyana kure y'Imana umugore uteye neza, cyangwa se abandi bakigiza kure y'Imana umugabo uteye neza, bagerageza kumubwira ngo : ''ririya dini mwana wanjye, wowe uri umupantekote! Ririya dini.'' Baravuga ngo: ''oh, byataye igihe, ni ikinamico rya kera. Ntukemera rwose ibi.'' Wabigenza neza usenze cyane mbere yo gushaka uwo mukobwa. Uburanga bwe sibwo kamara kuri njye. Niko bimeze no kubireba umugabo.

Umugore yashoboye kwemeza umugabo ngo areke ubushake bw'Imana nuko amutera gukora icyo atagombaga gukora, ibyo byaroroshye inyoko muntu yose mu rupfu. Nicyo gituma Bibiriya imubuza kwigisha, kubwiriza cyangwa gufata Ijambo ry'Imana mu buryo ubwo ari bwo bwose.

Sinzaharira na mwe. Ariko nzababwira yuko Ijambo ry'Imana rivuga ko mutagomba kubikora. "umugore ntakigishe, kandi ntagategeke, ahubwo ajye aceceka. "Byiza," nyamara mugira muti:, "Umwami yatubwiye kubikora."

Na busa ntacyo mbishidikanyaho, ese wumvise ubutumwa bwanjye bw'ubushize, bwavugaga kuri Balamu? Balamu uyu yumvise icyo Imana yemeje mbere, cyumvikanaga ngo: ntubikore.'' Ariko yakomeje kubikinisha, kugeza aho Imana imubwira kujya kubikora.

Birashoboka ko Imana ikwemerera kubwiriza. Simvuze ko itabikoze. Ariko ntibihuje n'ijambo rya mbere rijyanye na gahunda yayo. '' kuko umugore agomba kuganduka rwose nk'uko amategeko nayo abivuga.'' Ni iby'ukuri. Bityo namenye ko Atari ibyo ugomba gukora.

48 Na none ubu ni mwitegereze hariya, kuko umugeni w'umwimere ari ishusho y'umugeni w'umwuka. Ijambo rivuga ko yaremewe umugabo, ko rero Atari umugabo waremewe umugore''.

Maze mu minota mike ndibuvuge ku Mugeni wa Kristo, n'uko ntange n'impamvu y'ibi byose, ariko ubwo ndagerageza kwerekana imvano yabyo.

"umugore yaremewe umugabo, si umugabo waremewe umugore" niyo mpamvu kera mu gihe

cy'amategeko, gushaka abagore benshi byari byemewe biteganijwe n'ayo mategeko. Ni mwirebere Dawidi wari aho afite abagore Magana atanu, kandi bibiliya ikaba ivuga ko yari umuntu Imana yishimira ku mutima wayo.'' Yari afite abagore Magana atanu na Salomo afite igihumbi, kandi nta n'umwe muri abo bagore washoboraga kugira undi umugabo.

49 Ushake uko wabona bande yanjye ivuga kuby'ugushyingiranwa n'ugutandukana. Si kera nari mu mpinga y'umusozi i Tucson, narimo nsengera icyo kibazo ndi aho hejuru. N'uko bareka abana barasohoka mu mashuri ngo bitegereze inkingi y'umuriro yakoraga uruziga rugose umusozi ikaba yarajyaga kumera nk'umubirikira, iriho ikomeza kugenda no kugaruka izamuka ikongera ikamanuka: aha hari abantu babizi, bari bahari, bakaba barayibonye; ni igihe yanyerekaga ukuri kuri ibi bibazo birebana no gushakana no gutandukana. Niba itsinda ry'abantu rigiye muri iki cyerekezo n'irindi rijya muri kiriya, hagomba kuba hari ukuri ahantu runaka. Nyuma ya biriya bimenyetso birindwi, Imana yerekanye ukuri kuri ibi.

50 None ni mwitegereze, yashoboraga kugira umugabo umwe gusa, kuko umugore yaremewe umugabo, si umugabo waremewe umugore.'' Abo bagore uko ari Magana atanu ubabumbiye hamwe bari bagize umugore wa Dawidi. Kandi hari icyo byashushanyaga. Ubwo Kristo azicara ku ntebe ku ngoma mu butegetsi bw'imyaka igihumbi, Umugeni we azahwana n'umuntu umwe gusa, aho kuba ibihumbi n'ibihumbi mirongo ingahe, bazaba bagize umugeni umwe. Ni nako Dawidi yari afite abagore benshi, ubabaze umwe umwe, ariko ni igiteranyo cyabo cyari imugore we. Mbese ni nkaho bose bari bagize umubiri umwe w'abizera bose Umugeni wa Kristo, kuko ari we Mugore. We, ni Umugabo. Dore ko twaremewe Kristo, Kristo siwe waturemwe.

Nguko uko tugerageza kubigenza uyu munsi mu bitabo byacu, tugerageza guhuza ijambo(ni ryo Kristo) nibyo dushaka, aho kuba ari twe twihuza naryo, bigahuza n'ijambo. Biratandukanye rwose.

51 Iyo umusore ahisemo inkumi runaka mu muryango, ihitamo rye ntirigomba gushingira ku buranga, kuko uburanga bushukana. Kandi uburanga, uburanga bugezweho ubu bw'iyi si ni ubw'umwanzi Satani.

"Yoo", ndumva hari uvugira hariya ngo: "itondere aho, mubwiriza !''

Ndavuga ko ibi bintu bita byiza kuri iyi si ari ibya satani. Ngiye kubibereka. Nuko tumurikiwe no kubibona gutyo, niducukumbure mu ijambo ry'Imana turebe niba ariryo cyangwa se atari byo. Ngaho na bamwe muri mwe bagore, mukaba mugamije kugira uburanga no kuba amabengeza! Ni mwitegereze aho bituruka bigitangira turabona ko Satani yari umunyaburanga cyane bituma ashuka Abamalayika. Niwe wari urengeje uburanga abamarayika bose. Birerekana ko ari iby'umwanzi. Mu migani biravugwa, Salomo yaravuze ngo: "uburanga ni ubusa ntacyo bumaze." Ni iby'ukuri icyaha gisa neza. Ni koko niko bimeze. Gifite rukuruzi.

52 Ndifuza kubabaza ikibazo kimwe no kugira icyo mbabwira hano. Ndashaka ko mutega amatwi mu minota mike. Mu moko yose ku isi yaba ay'ibiguruka, ay'inyamaswa turasanga ko mu nyamaswa ziriho, muri izo zose uretse inyoko muntu, ikigabo ni cyo cyiza si ikigore kimeze gityo. Ibi ni ukubera iki? Mwitegereze i… itegereze imparakazi, i—ingabo nini y'amahembe iba isa neza n'amahembe afite amashami, ingore itameze ho ishami. Mwitegereze inkoko, agakoko kadometseho utubara n'isake nini ifite amababa ateye amabengeza. Mwitegereze inyoni y'ingabo n'iy'ingore. Mwitegereze igishuhe, ikigabo n'ikigore cyacyo. Ese murabona? Maze ntabwoko bundi buri ku isi bwaremwe bushobora hushukana nk'umugore.

Noneho mushiki wanjye, wihagaruka ngo usohoke. Tegereza gato kugeza ubwo tuzaba twumvise iherezo ry'ibi. Urabona? Urabona se?

Nta yindi ngore yindi, uretse umugore, yashobora kwiyandarika. Imbwa y'imbwakazi, ''muyita inkubaganyi'' mukita iyi ngurube ''inyamwanda'', ariko mu bijyanye no kwifata neza, izo ngore zifite imyifatire myiza kuruta icyakabiri cy'ibyamamare by'abakobwa n'abagore bakina muri sinema zo hirya no hino. Zo ntizishobora kwitwara ukundi ngo zibure imyifatire myiza.

53 Nuko ku mugore niho haba impinduka, zigatera akaga. Ni iby'ukuri. Murabona aho uburanga bwe bumujyana, bumuganisha? Kandi dore igituma uyu munsi dusanga ko uburanga bw'abagore bwiyongera.fata nka Pearl o Brien, ese wigeze kubona foto ye? Bavugaga ko yari we bwiza buhebuje bwa Amerika. Nta munyeshuri kazi wiga mu ishuri iryo ari ryo ryose utamushyira kuri urwo rwego ruhanitse. Mbese muzi ko bifatwa gutyo? Muzi ko na Bibiliya, ivuga ko ari ko bizamera?

Ese muzi neza ko niba harabayeho kugwa, kuva mu itangiriro, ibyo byatewe n'abagore? No kugwa… no ku iherezo bigiye kuzasoza bityo, maze abagore bakazaba bayobora, banategeka abagabo n'ibindi ari uko. Muzi ko ibyanditswe ari uko bibivuga? [Iteraniro, riti: "amina."—U.I.]. Murabizi turi mu gihe yambara imyenda ya kigabo, maze akiyogoshesha umusatsi, kandi ibyo byose bidahuje n'Ijambo ry'Imana. Mbese munazi yuko umugore ashushanya itorero? ["Yego."]. Niwitegereza ibikorwa n'abagore, uzabona icyo itorero rikora. Nibyo neza neza. Kandi ibyo nabyo ni iby'ukuri nk'uko Ijambo ry'Imana

54 Nta ngore yabayeho ngo ishobore kwiyandarika nk'uko umugore ashobora kubigenza. Kandi nyamara,

bitewe n'ibyo, n'uko yaremwe nk…

Ntiyari mu byari ibiremwa by'umwimerere. Izindi ngore zose zari zigize ibyaremwe by'umwimerere. ari ibiguruka, harimo ingabo n'ingore, ari inyamaswa, hariho ingabo imwe n'ingore imwe. Ariko ku bantu Imana yaremye umugabo gusa, nuko iza kumukuramo urubavu. Umugore ni imbuto yakomowe ku mugabo—kuko Imana itashyizeho ikintu nk'icyo mbere. Ni musuzume ibyanditswe. Nibyo rwose neza. Imana, oya mugabo, mu byo yremye mbere umugore ntiyashyizwemo.

Ariko, niba ashoboye kwifata neza, azagororerwa bikomeye kandi bitagereranywa kurenza umugabo. Hano ari mu igeragezwa. Urupfu rwaje ariwe biturutseho. Buri rupfu rwose niwe rubarwaho. Ariko hanyuma Imana yahinduye ibintu ukundi ikoresha umugore ngo ubugingo bwongere bugaruke; yazanye umwana wayo binyuze mu mugore wumvira. Naho ubundi, umugore mubi ni cyo kintu kibi kirenze ibindi kibaho, ntanakimwe mu bindi gishobora kurenga aho.

55 Gahini, umuhungu wa Satani, yatekereje ko Imana yemeraga uburanga. N'uyu munsi aracyatekereza atyo. Gahini yari umuhungu wa Satani. ''Oh, ba utegereje.'' Niko uvuga. Ntituribubyinjiremo birambuye, ariko ngiye kugukemurira icyo kibazo. Bibiliya ivuga ko yari umwana w'umuriganya''. Ubwo rero birakemutse. Ni byiza cyane. Ubwo nyine yari umwana wa Satani. Kandi yanatekereje kubaka igicaniro no kugitaka neza ngo aramye, asenge, ngo nibyo Imana izamukundira.

Baracyatekereza gutyo n'uyu munsi. Ni koko. Ibi ngo: ''tuzubaka inzu nini. Tuzagira amadini akomeye. Tuzagira urusengero runini birenze n'abantu bambaye neza birenze, abayobozi b'itorero bafite ubuhanga buhebuje.'' Ariko kandi Imana iri kure y'ibyo byose ho miliyoni icumi za mayilo. Nibyo. Ahubwo, ryo ni itorero.

56 Nuko niba Imana yubahiriza gusa ugusenga kuvuye ku mutima, gutanga igitambo. Gahini yari umukiranutsi kimwe na Abeli. Ariko uyu we yarahishuriwe asobanukirwa ko atari Amatunda y'imbuto ababyeyi be bariye.

Hano ngiye kuvuga ikintu kitumvikana neza giturutse rwose kumukozi w'Imana, ariko ngiye kubivuga uko biri kose. Njya numva abandi bavuga ibintu, babara udukuru tudasamaje. Sibyo ngamije. Ahubwo ndavuga ibi: '' niba igikorwa cyo kurya amatunda cyarateye abagore kumenya ko bari bambaye ubusa, byarushaho kuba byiza abantu bongeye guhererekanya ayo matunda.'' Murabona ? murabona se? Yego. Ni mumbabarire ku bw'ibyo, ariko ni ukugira ngo mbyerekeze ku ruhande. Nabashyize ku nkeke hano, navugaga abagore n'ibindi byose. Nda—nda—ndashaka gutuma mwiruhutsaho umunota umwe, nteganya ikigiye gukurikiraho hanyuma. Nuko, muri bubibone: ntibijyanye n'amatunda. Ibi, turabizi.

57 Muri ibi bihe byacu, itorero iyo, urebye ibikorwa byaryo ryabaye, riri kuba iry'abanyabwenge nk'uko bimeze mu bindi bikorwa byose by'abantu. Baragerageza kurigira itorero ry'abahanga mu bumenyi, hakoreshejwe amashusho n'iminara y'inzogera bikomeye ngo bikurure abantu. Mbega ubutyo naba Pantekote baboneka muri iyo myumvire ihunyeza itareba kure. Mwamera neza biruseho n'uvuza akagoma, muri hariya mu mfuruka y'umuhanda, hamwe n'Umwuka w'Imana ukugose. Ariko murashaka kurushanwa n'abandi bitewe n'uko mwahindutse idini. N'ukubera ibyo. Murabona ? amatorero agerageza kuba ay'abanyabwenge

Mwibuke ko, binyuze mu bikorwa ageraho ateza imbere ubumenyi, umuntu ubwe yiyangizaburi munsi. Igihe yahangaga ifu itera imbunda kurasa amasasu, ni murebe, ibyo byabaye igihe yahangaga imodoka iyi yishe abantu barenze abishwe n'iyo fu bw'imbunda. Kuri ubu yikenuje bombe ya kirimbuzi. Ndibaza icyo agiye kuyikoresha. Ni iiby'ukuri.

58 Ni nako bimeze ku itorero : mu kugerageza gukora ikintu hitabajwe ubumenyi, iremekanya ry'ibitekerezo by'abantu, ubwo bumenyi bukakwigiza kure y'Imana birenzeho maze bukakujyana ku rupfu bisumbye kure uko watangiye. Ni iby'ukuri. Ntugahitemo itorero ryawe nk'uko wahisemo umugore wawe. Murabona? ibyo ubumenyi bwigejejeho biratangaje, ariko kubyerekeye itorero ryawe, biraruta rwose utabishyizeho icyizere; umuntu yakoze amarangi yo kwisiga, amapuderi na biriya bindi byose. Hitamo ushingiye ku miterere y'ijambo ryayo.

Tugereranye noneho umugeni w'umwimerere wa none n'icyitwa itorero mugeni ry'uyu munsi. Ni mubigereranye umugore witegura gushyingirwa uyu munsi.

Noneho, nimwitegereze icyo ubumenyi bwamukoreye. Mbere na mbere ni uko aboneka afite imisatsi ikase, yogoshe arimbishije umutwe nka Jacqueline Kennedy, murabona, cyangwase ikintu nk'icyo. Maze se uzi icyo Bibiriya ibivugaho? Mu by'ukuri, Bibiliya yemerera umugabo kumusenda, niba abishatse agatandukana nawe, niba abikoze “aba ari umugore utubaha, kuko akata imisatsi” nicyo Bibiliya ivuga. Ni koko. Ntiwari ubizi? Oh yego! Mbwiriza byimbitse muri Californie kugira ngo se mutabimenya. Ni byo oh yego! byazangeza kuki? Barabikora nyamara. Ntushobora gufata ingurube ngo uhindure inyito yayo, ngo ize kuza yitwa umwana w'intama.

59 Muranyijujutira nyuma y'ibi, ariko muze no kumenya ukuri. Murabona se?

Nimwitegereze, dukore ikigereranyo. Nguwo umugeni w'ibihe tugezemo, uje yitatse hose n'amarangi, anyuranye n'uko yari asanzwe ameze. Yiyogeje mu maso, [ngirango umugabo we] yamuhunga yirukanka cyane. Yagutera ubwoba bukabije mu gihe yikuyeho iryo shyano. Niko bigaragara no ku itorero, uruvange rw'ayo marangi, wagira ngo ni Max factor w'ibya Tewolojiya byuzuye. Ah ibyo byombi kubireba n'amaso asanzwe birebetse neza, ariko bishukana, ni uburanga bwahanzwe n'abantu, si karemano y'Imana. Nta muco mwiza urangwa muri ibyo byombi.

Nimurebe rwose, neza ni nka Satani, ni byobisambwa ngo ashukane, maze ugereranye umugeni w'ubu n'uwo mugore: yambaye utwenda tugufi, yitera igishahuro cy'amabara, agakatisha imisatsi, akambara imyenda iteye nk'iy'abagabo, akabona n'umushumba umubwira ko nta kibi na busa kibirimo. Ni umushukanyi. Azababara, azabona akaga nagera hakurya azira ibyo. Ni ukuri. Umugore abigirira gushukana, yigira uko atari.

60 Ni ko itorero ribigenza: abantu bahabwa impamyabumenyi zihanitse muri Tewolojiya, muri Filozofiya, mu by'amategeko. Nuko mukavuga ngo: umushumba wacu ni iki cyangwa kiriya, kandi akaba atazi Imana birenze uko umuhotanto adashobora kumenya ijoro ryo mu misiri. Nibyo. Nibyo. Yagize ubumenyi, yaherewe mu iseminari. Kandi ibyo icyo azi ku Mana, birutwa n'ubusa.

Amatorero y'ubu yitakishije amarangi ya Tewolojiya, muri yo abagore bimoje ubwiza bwabo, bitewe na "Ricky'' ubonetse wese hamwe n'umushumba wayo, akaba asa na Yezeberi nyawe yewe n'ibindi ntazi. Imisatsi ikase, utwambaro tugufi, kwisiga irangi, assize wese irangi ribereye Tewolojiya, dore aho itorero riri. Ni iby'ukuri. Nyamara umuco we mu by'Umwuka uhabanye kure n'uw'umugore w'umutima Yesu Kristo azaza gutwara.

61 Niba umukristo ashatse umugore uteye atyo, biba byerekana ko yahanutse akava mu buntu. Kunyurwa n'Imana, kunyurwa n'urugo rwe, mu bijyanye n'uko urugo rwakagombye kumera, aba ari kure y'ibyo yahisemo umugore uteye atyo. Oya mugabo. Umukristu ntiyasanga amunyuze, ibyo ni ko biri. Imico ye mu by'Umwuka iri hasi birenze, uwo mugore aba yaramunzwe n'uburanga bwe bwa kidini n'iby'iyumvo amenyereye.

Dore neza neza aho itorero rihagazeuyu munsi: ryagurishije kuri satani isi umuco ryahabwaga n'ijambo ngo ririsimbuze idini ry'ubumenyi ryahimbwe n'abana n'abantu. Nyamara ryari rifite umurage nk'itorero ry'Imana bwo kwita ku ijambo ry'Imana no kugira Umwuka Wera urikoreramo, wungira hamwe umubiri hakoreshejwe ijambo n'urukundo rw'Imana. Kwita kuri ibyo, ryagurishije ubupfura bwaryo nka Esawu, maze rihitanmo idini ryarirekaga rigakora icyo ryashakaga cyose, nibyo, kandi ibyo byose ari ukugira ngo rishimwe n'imbaga y'abantu beshi nk'uko nyina Roma yari yarabikoreye i Nikeya.

Oh, nuko bikavugwa yuko ibyo byacengeye rwagati muri twe abapantekote! Mbega ukuntu bibabaje, nyamara ni byo yakoze.

62 Itegereze, akanya gato umubikira wa Kiriziya Gatorika. Uyu mugore; kugira ngo abe umubikira, yambare igitambaro hejuru ku mutwe, agomba kuba atajenjetse mu kwiyegurira Kiriziya. We—ubugingo, umubili n'umwuka—ni ubutunzi bwite bw'iri torero rye. Ntaba akitekerezaho. Iyo amaze kwambara icyo gitambaro cya nyuma, ntaba agishobora kugira igitekerezo cye bwite, ubushake bwe bwite. Aho murabona icyo Satani ari cyo, ukoresha abo bantu ibyiganano mu buryo busa n'iby'ukuri.

Itorero ry'ukuri rya Kristo, umugeni, ryaramwiyeguriye byuzuye, We n' ijambo ry'isezerano ry'uko ibitekerezo bya Kristo bikurimo. Hari itandukaniro rinini.

Ni nako tubisanga uyu munsi, ko itorero ry'ubu rigezweho ari itorero ry'isi y'ubu. Uko iteye. Itorero ry'isi y'ubu n'itorero ry'Umwuka, nayo uko ari abiri yatewe inda ngo abyare abana b'abahungu.

Umwe muri aba bombi azabyarwa n'idini kuri umwemu… muri iyi minsi, mu nama mpuzamatorero y'isi yose, bikazaha iyi si uzaba arwanya Kristo hakoreshejwe idini. Ni ukuri kwuzuye. Wenda sinzabaho igihe kirekire bihagije ngo mubone. Ndakeka ko ari uko biri. Ariko mwe, abakiri bato, muzibuke ko mwumvise umukozi w'Imana abivuga. Bizagera aho bisohore. Kandi icyo nicyo kimenyetso cy'inyamaswa, ubwo iyi nyamaswa izashyiraho ubumwe bw'amadini ku isi hose. Nuko ikazabyara umwana w'umuhungu, niwe urwanya Kirisito.

63 Undi mugore azaterwa inda n'Ijambo ry'Imana, maze abyare Umubiri, Umubiri wuzuye wa Yesu Kristo, niwo mugeni. Umubiri wa Yesu nturuzura. Ni bangahe babizi? Umugabo n'umugore bagize umuntu umwe. Na Kristo ni umubiri: ijambo. Umugeni agomba kuba ari igisigaye cy'iryo jambo. N'uko bombi hamwe bagakora umubili umwe rukumbi. Nk'uko byari bimeze kuri Adamu bigitangira: umugabo n'umugore ni umuntu umwe. Bityo, umugeni w'ukuri yiyeguriye Yesu Kristo k'uburyo atikoresha ibyo atekereza ubwe. Icyo Yesu Kristo atekereza, na none, ari nabwo bushake bwe, iryo niryo jambo rye.

64 Ngaho murebe ingirwa mugeni watoranijwe n'isi, maze amugereranye n'umugeni w'Umwuka n'umugeni w'ibyakamere by'uyu munsi: ni Yezeberi w'iki gihe, watwawe ubwenge na Ahabu we, amabengeza y'abakobwa bisize n'ibindi byose. Itegereze itorero, niko rimeze, ariko ni indaya yica Ijambo ry'Imana

nzima; ryitanze ryose hamwe n'amadindi akomeye, amazu manini, amafranga menshi cyane, imishahara ikabije. Abantu bakenera ibi bintu bari ku ruhimbi, maze bakanga ku byerekana. Ni ukubeshya nta kindi. Ni igisekuru komoko cy'itorero rya Laodikiya y'impumyi, neza neza nk'uko Bibiriya ibivuga. Uravuga. ngo: "ndatunze. Nicaye nk'umwamikazi. Ntacyo nkeneye na busa. Naho utazi ko uri umukene, umutindi, impumyi, umunyabyago, wambaye ubusa kandi ntubizi." Niba Atari ibyo, UKO NIKO UMWAMI AVUZE mu byahishuwe ibice 3, ubwo ni uko ntigeze mbisoma. Niko ameze, kandi ntanabizi!

Ni mubitekereze ho!

65 Uramutse ubwiye umugabo cyangwa umugore bari mu muhanda/ mu nzira, ko bambaye ubusaburi buri, maze ukababwira ko ntacyo bambaye nabo bakagusubiza bati: "ita ku bikureba", noneho haba hari icyo babuze mu bwonko. Bataye umutwe.

Kandi iyo usomye Ijambo ry'Imana, ahavuga uko abantu bakagombye kwifata, ahavugwa umubatizo w'Umwuka Wera dufite uyu munsi, ariko ntibyitaweho, abantu bo, nawe reba, bakakubona nk'aho wasaze —wababwira uti: "ugomba… ni ngombwa ko, bavuka bwa kabili, ni ngonbwa ko bemera bibiriya."

66 Bo bakivugira bati: "ibyo ni akahise k'umugani waciwe n'abayuda, wari uriho hashize imyaka myinshi usubiye inyuma. Itorero ryacu niryo rifite inzira. Abanyabyago, abatindi, impumyi, bambaye ubusa kandi ntibabizi ndetse. Mbega… bibiriya ikaba ivuga ko ari uko basanga bameze.

Ni gute umuhanuzi w'ukuri yashobora kutabikora? Simbizi.

Biriho biracengera mu matorero yacu yose, hose. Itegereze gato, rwose aho bigana kuri ubu. "ya ndaya yakera n'abakobwa be" bo mu Ibyahishuwe17, iyo ndaya iriho ifite ibyo iha " abakene, impumyi n'abatindi", ni inyigisho zayo za Tewolojiya zidahuje n'ijambo ry'imana. N'uko usanga iwayo ubugingo bw'imbata n'ubw'abagabo n'abagore hose" aho kurehereza abantu…

Kristo ahamiriza ijambo rye kandi icyo nicyo gikurura kandi icyo nicyo gikurura abantu. Ntibizana, abantu b'amatorero, aho umuntu azamwarwa n'amadini akomeye, ibikorwa bikomeye, ibintu by'amafuti n'iby'ubukire bukabije. Ariko Ijambo ry'Imana rikurura Umugeni wa Kristo.

67 None itegereze. Birashimishije ku—kubona ko —itorero ryihatira kwitabwaho n'abantu ribereka amakanzu manini n'amakorari yambaye bihambaye, abagore bafite imisatsi ikase no mu maso hasize amarangi. Nuko bakibwira… maze kuririmba bigasa niby'Abamalayika. Ni ukubeshya nka Dayimoni, hakaba gusohoka ijoro ryose, ari ukujya mu bimeze nk'urubyiniro rwa nimugoroba n'uko bikaboneka nk'ibisanzwe rwose. Dore kandi bakibwira… "nta kibi kibirimo ntako bias rwose". Ariko murabona, sibyo, ni ibihimbano. Ntabwo ari ijambo ry'imana.

68 Ahubwo umugeni w'ukuri atera Imana kumwitaho anamba ku ijambo ryayo. Ubu nimwitegereze. Noneho ni mwitegereze Kristo.

Mukavuga ngo: "rwose, noneho, ba worohereje ho umunota umwe, uburanga uvuga mbese ni iki?

Bibiriya ivuga muri Yesaya 53:2 ko ubwo Yesu yazaga "ntaburanga na busa yari afite, isura se ntacyo yari ifite cyo kudushimisha" si byo se? [iteraniro riti: amen."—U.I] nta buranga na busa. Iyo asaba kuza nka satani kuri ubu, aburebye mu buranga? Mu bwiza bw'isi,, abantui baba baramwirukiyeho, maze bakamera nk'uko babikorera amatorero uyu munsi. Baba baramwizeye bakamwakira nk'uko babigirira satani uyu munsi. Ni koko. Gusa ntiyaje yifubitse ubwo buranga. Aza iteka yambaye ubwiza bw'umuco. Reba kristo ntiyari umugabo ufite uburanga, muremure, ukomeye utashyigura. Imana ntihitamo umeze gutyo.

69 Ndibuka ko rimwe umuhanuzi yagiye guhitamo umwami, kwimika umwami umuhungu wa Isayi, ngo asimbure undi mwami wari sawuri. Isayi yazanye imbere ye umuhungu we mukuru wari mwiza. Aravuga ati: "ikamba rizamubera ku mutwe."

Umuhanuzi yigiye imbere ngo amusukeho amavuta. Ahera ko aravuga ati: "imana yamwanze." Nuko iza kwanga buri mwana kugeza ubwo haje agahungu gato gafite ibara rya rose n'intugu zihetamye. Ni kuri we yasutse amavuta, maze aravuga ati: " Imana yamutoranije." Murabona! Duhitamo dukurikije ibyo tubona. Imana, yo ihitamo ishingiye ku mico.

Imico, ntihigeze habaho na rimwe imico nk'iya Yesu Kristo. Ni ikintu kikubamo, kikamugaragaza WE. Ni umuco we, ntabwo ari amazi manini, amadini akomeye n'abayoboke bayo benshi bashobora kuyabonekamo. Yasezeranije kudusanga aho babiri cyangwa batatu bateraniye. Ni iby'ukuri. Ni aho umwizera w'ukuri ashingira ibyiringiro bye: ni ku ijambo ry'Imana rihamirijwe nkukuri. Bahitamo bashingiye ku ijambo ryayo, ntibishingira ku itsinda rikunda isi. Ntibabyanga.

Ntibitangaje yuko ryatanye nawe; rwose ntiryasobanukiwe uguhishurirwa kwaryo, ntirigufite. Na Yo ntibyishimira, ntiyishimira uko ryifatya n'uko rikora, n'ibintu byinshi by'isi ritunze

70 Icyo arishakakaho ni imico, imico ya Kristo. Na none neza akanya gato. Mube muretse gato, Ni byo. Ahitamo umugeni wo kwerekana imico ye, kandi ni aho amatorero agezweho y'uyu munsi atabasha kumenya gahunda yey'uyu munsi rwose kuri Miliyoni ya mayilo, iruhande rwa gahunda ye, kubera ko ahakana ko ibi ari ukuri. Ubwo se byashoboka bite? Maze kandi anategereje uyu mugeni yuzuye (Abaheburayi 13:8). Neza nk'uko icyo kintu cyabayeho, nk'uko we yabayeho. Umugore agomba gusa na WE, afite umubiri umwe, amagufa amwe, Umwuka umwe, asa muri byose na we, akozwe kimwe kandi nibwo bombi bahinduka umwe. Igihe cyose itorero tritazamera rityo, ntibagize umuntu umwe. Imico ya Kristo —jambo ry'iki gisekuruza−ugomba gukorwa. Umugeni agomba kuremeka ngo ase nawe.

71 None mu kurangiza ndashaka kuvuga igituma navuze ibi bintu, nyuma yabyo nkaza kurangiza. Mu rindi joro, ahagana saa cyenda y'ijoro, hari icyankanguye.

Noneho, ndafitea umwe muri mwe ngo ansubize kuri ibi: Ese naba narakubwiye ikintu mu Izina ry'Umwami, kitari ukuri? Byose byari ukuri. Rero, mfasha, Imana izi ko ari ukuri. Nta muntu n'umwe mu isi yose, mu bihumbi by'ibintu byavuzwe, ko nta n'ijambo na rimwe ritasohoye.

Ndetse n'igihe nari i Phoenix ku wundi munsi, cyangwa hashize umwaka bibaye, maze nkaba narabaganirije ku butumwa bugira buti: "Bagabo ni gihe ki? Kandi nababwiye ko hazabaho guhurira hariya n'abamalayika barindwi, maze bikaba ari ifungurwa ry'ibimenyetso; ni uko bizamera. Ni uko aho ikinyamakuru life cyatangaje inkuru kuri ibyo, uriya muriro waka wajyaga mu kirere, ku burebure bwa mayilo mirongo itatu[48km],ugapima mayilo makumyabiri n'indwi[43km] z'ubugari. Bavugaga yuko batashoboraga gusobanukirwa ibyo ari byo, ntibanabizi nabwo ubu. Hano ubwaho, muri iyi nzu no kuri uyu mugoroba, hariho abantu bari aho ubwo byabaga, ni neza ibyavuzwe yambwiye ibintu byari bigiye gusohora. Kandi biza kuba neza neza gutyo. Buri kimenyetso, ubwo byafunguwe, byamenyesheje ubwiru bwagunye guhishurwa mu bihe by'abagorozi, n'ibindi—mu buryo butunganye.

72 Hejuru hariya, mu mpinga y'umusozi, abantu bamwe, batatu cyangwa bane bari hano ubu, yego, banarenzeho mu gihe nazamukaga umusozi, umwuka wera yaravuze ati: "taragura iri buye." Twarahigaga. Aravuga ngo: "tera hejuru, maze uvuge ngo: "UKU NI UWITEKA AVUZE." Na rabikoze kuva aho namanutse umuyaga muke ukoze umubirikira. Ndavuga nti: "mu masaha makumyabiri n'ane, muri bubone ikiganza cy'imana" abo bantu bicaye hano ubu.

Bukeye, ahagana saa yine, mpagaze aho, nabwiye umwe mu bavuye ku rugerero nti: "itegure. Njya hariya mu nsi y'ivatiri. Ndavuga nti:" hari ikintu kigiye kuba." Mu kirere hari hakeneye, twari mu mukoki munini. Ubwo habaye umuriro wizunguzaga wamanutse uva mu kirere. Waje gukaka cyane, maze ukubita gugutya inkuta z'umukoki. Nari munsi yahoo neza. Nakuyemo ingofero yanjye, ngumya guhagarara nemye. Waramanutse ugera ku birenge bitatu cyangwa bine [m90 cyangwa120] hejuru yanjye, nuko ukora umuringoti wazengurutse uwo mugunguzi, biba gutya, n'uko habaho guturika. Hanyuma wazamutse mu kirere, urizunguriza nabwo, nuko wongera kumanuka biba inshuro eshatu. Ndetse wanakase imitwe y'ibihuru biri ku burebure bwa yaridi Magana abiri [183] murumva abantu bavuga ngo: "amina" bari bahari ubwo byabaga, murabona.

Kandi habayeho ibyaturitse gatatu.

73 Ubwo basohokaga bava munsi y'amavatiri, n'uko bakanganaho bagaruka, banavuze ngo: " iyo bigukubita nta nakazinga k'amavuta kavuyemo kaba gasigaye.

Ndavuga nti: "byari—byari We wanganirizaga." Imana ivugira muri serwakira. Murabona? Kandi hariya hari iyio nkingi imwe y'umuriro mubona kuri iyi foto. N'uko inkingi y'umuriro yongeye kuzamuka, baravuga bati: "ni ibiki?" ndavuga nti: urubanza rwasatiriye ku nkombe y'uburengerazuba."

Nyuma y'iminsi ibiri y'ubwo, Alaska yari igiye kurohama. Murabona? Byakubise hariya, inshuro imwe, ni ugukubita kwa mbere

Ni ngombwa kugira igikorwa ngo bitangirweho ikigereranyo. Nk'urugero, umuntu yashyize umunyu mu rwabya, hanyuma abijugunya mu mazi, maze arvuga ngo: "UKU NIKO UMWAMI AVUZE" ngo amazi ni ahumanuke abe meza urundi rugero ni urwa yesu wafashe amazi ayagira divayi.

Ugomba kugira ikintu utangaho urugero. Byari ibyo rero, ikintu cyazamutse mu kirere nuko kiza kongera kumanuka. Ni kyo cyateye iriya serwakira yoroheje. Nyuma ntamasaha makumyabiri n'ane arashira byazunguje uwo musozi ku buryo byacukuye umuringoti uhazengurutse.

74 Nyakubahwa brairwicaye hano kandi ndiho ndeba ubu, yari ahari kandi yahatoraguye utumanyu tumwe na tumwe. Hano hari Tierry Sothman kandi n'abandi hano na billy paul. Na bene data, benshi bari hano, abari bahari bashaka kubona ibibi bube, ubwo byakuyeho ibyo bimanyu.

Ntabwo ari nk'inzozi ni ukuri. Nti byabaye kera, mu gihe cya Bibiliya. Bibayeho ubu. Murabona? [iteraniro riti: "amina"—U.I] ni Imana imwe yanyeretse iteka ibyo bintu, byasohoye ku buryo butunganye neza nk'uko byavuzwe nta nyuguti ivuyemo. Ntibyigeze biteshuka, na rimwe. Kandi niwe mbihera

ishimwe.

75 Hashize ibyumweru bike ngize iyerekwa. Nari mpagaze a — ahantu harehare nkaba nari ngiye kubona iyerekwa ry'umusongongera ry'itorero. Nuko naje kubona, biva mu... nari mpagaze gutya, nerekeye mu burengerazuba. N'uko itsinda ry'iza ry'abagore riraza riva muri iki cyerekekezo, bari baberewe cyane, imisatsi yabo miremire imeze neza, bari bafite amaboko y'amakanzu n'amajipe yabo yari amanutse ku buryo bunoze. Bagenderaga bose mu njyana y'umutambagiro, imeze nka: "tujye imbere ingabo z'abakirisitu, tujye ku rugamba" ni umusaraba wa yesu ufungura urugendo." Mu gihe batamabagira, nari mpagaze kandi hariho ikintu aho, umwuka, byari imana, cyavuze ngo: "dore umugeni." Nararebye maze umutima wanjye urishima. N'uko umugeni yaragiye agana muri iki cyerekezo, maze anyura inyuma yanjye.

Hashize umwanya, agarutse ava muri iki cyerekezo, havuze ngo: "noneho n'itorero ry'ubu rigiye gutambagira." Ngiryo itorero rya Aziya rije. Sinari narigeze mbona agaco k'abagore bateye isesesmi gutyo.

76 Dore n'andi matorero y'amahanga anyuranye araje. Kuyabona byaranshishaga.

Kandi ibi nda= ndabivugira ko ari inshingano yanjye ku mana yo kuvuga ukuri. Ubwo yaje kuvuga ngo: "ngiri noneho itorero rya Amerika rigiye gutambagira" niba ngize kubona agaciro k'amadayimoni, ibi byari ako neza. Aba bagore bari bambaye ubusa birangije bafite ikintu gisa n'ikijuju, gifite ibara ry'uruhu rw'inzovu bari bagifatiye imbere yabo kandi nta cyari hejuru na busa. Nuko bakoraga ibisa n'aya maringoshyo, uku - kubyina abakiri bato bakora ku ino, ibya twist n'ibyariya maringoshyo, bigaherekezwa na kiriya gisa n'umuziki. N'uko numvise nyampinga wa amerika aje, nari ngiye kugwa igihumura.

None, ibindi ni UKU NIKO UMWAMI AVUZE. Mwemera ko ndi umugaragu wayo. Ubwo rero nimwizera n'ubu ngu nta cy'isi nabusa nabivugira. Nta mafranga ahgije ari mw'isi yose yantera kubivuga, niba bitari iby'ukuri.

Uwo mugeni atambutse cyari ikintu giteye ishozi birenze nigeze mbon. Naratekereje: "O, mana, ukuntu ababwiriza natwe bene —Data, twakoze bigoye gurya ngo tuzane umugeni, none tukaba nta kiruse iki twashoboye kugeraho!" yari manyaguraga afashe iki kintu imbere ye , igisa n'ijipo y'umugore ubyina wo muri Hawai, yari agifatiye imbere y'ibice bye, igice cye cyo hasi, gutya abyina akandi yizunguza nk'uko abato babigenza hano,mu bi —muri biriya bitaramo bidahwitse berekana bimanyagura, bizunguza byari nyampinga w'ubukristu bwa Amerika.

77 None mfasha kubw'inkunga y'uwiteka kandi n'Imana ibingobokemo, ariko dore uko bias imbere yayo. Na —na—natangiye… mba narashoboye kugwa igihumura. Naribwiye nti:[ ibi] " nyuma y'umuhate wose, y'ibibwiriza byose, n'ibyageragejwe byose ngo abantu babemere" nta numwe uvuyemo, bose bari bafite imisatsi ikase maze bakizunguza, bakagenza gutya,bafashe iki kintu imbere yabo. Begereye aho nari kumwe n'umuntu udasanzwe w'indenga kamere. Numvaga ambwira ari hafi yanjye. Ariko , ubwo berekeraga muri iki cyerekezo, bafashe iki kintu, barizunguzaga gusa, bagaseka bakora ibinyabasazi. Bagenzaga gutya bafatiye iki imbere yabo.

Mugihe nari mpagaze imbere yayo, njye umugaragu wayo. "n'umuhate wose nagize, ntacyo nashoboye gukora kirenze ibi?" natekereje ntya: " byangejeje kuki? Byamaze iki? Amarira tose, ugutakamba kose, ukwemeza kose kwagereagejwe n'ibimenyetso byose bikomeye, ibitangaza wakoze. Nanjye natahaga imuhira nkarira, maze guhagarara aho mbabwiriza n'ibindi —byangejeje kuki? nyuma nkaba ngomba kukwereka ikintu nk'iki, wowe, ngo, ngo n'umugeni?"

78 Ndi aho ndiho nitegereza yaratambagiye. Mushobora kwiyumvisha umugongo we, ntacyo yikinze mu gihe yari afatiye iki imbere ye, akanyuraho yisimbiza gutya, yumva injyana ya Twist, atera hejuru ingingo ze gutya. N'uko, oh, byari bidahwitse, ukuntu yagiraga azunguza umubili we gutya. Ubu nda…

Ugiye kuvuga uti: mbese birashaka kuvuga iki mwene data Branham?" simbizi. Mbabwiye ibyo nabonye, nta kindi.

Ubwo yanyuraga hafi yanjye gutya, naramurebye. Oh, numvise meze nabi. Narebye hirya. Ndatekereza: ''O Mama, nuko nciriweho iteka. Nta kwirushya kundi ngerageza ubu byanaba byiza ndetse umurimo."

Umutegarugori Carl William, niba uri hano, ziriya nzozi wambwiye ubushize, wa rose wagiye mu rindi joro, kandi zakubuzaga amahoro, ni ibyo. Gufata ikiyobora imodoka byamvanwe mu maboko.

Ubwo naribwiya ngusa ngo: " byaba byiza rwose mbyibagiwe." Kuri njye, byari byarangiye.

79 Hanyuma ako kanya numvise umugeni agarutse. Maze kuri iru ruhande haturutse uriya mugeni umeze kimwe wari wagannye aho. Abo bagore bakiri bato baragarutse, kandi buri wese yari yambaye kositimu y'igihugu akomokamo, nk'ubusuwisi,ubudage,mbese gutyo, buri wese yari yambaye kositimu imeze gutyo, bose banafite imisatsi muiremire, neza neza nk'umugeni wa mbere. Nuko ngaba baje batera intambwe. Ni

mujye imbere. " nimujye imbere, ingabo z'abakristu, tujye ku ruganba." Maze ubwo banyuraga imbere y'urwakiriro twari kurimo, bose berekeje amaso amaso icyarimwe aho twari turi. Hanyuma baza guhindukiza umutwe, bakomeza kugenda, maze neza ikyo gihe batangira kuzamuka bajya mu kirere.

Kandi neza nk'uko bari batangiye kuzamuka bajya guserebeka ku gasozi, Uriya wundi we yagiye ku muhora w'umusozi, nuko amanuka atyo.

Aba nabo batangiye kujya hejuru, bagana mu ijuru. Nuko mu gihe bagendaga, naje kubona abakobwa b'inkumi babili cyangwa batatu bari inyuma, nabonaga basa nkabo mu gihugu cy'amahanga, wenda icya Suwede, icy'ubusuwisi cyangwa icy'ahandi batangiye kureba ahabakikije, nuko ba… ndavuga nti: "ntimukore ibyo! Ntimusobanye intambwe mutera!"ubwo natekerezaga hejuru ntyo, mu iyerekwa, nasubiye uko ndi , mpagaze aho, ikiganza kireze gutya. Ndibwira nti: " mbese…"

80 Nicyo gituma navuze ibyo navuze kuri uyu mugoroba. Ndashaka kukbabaza ikibazo. Mbese igihe kimaze kurenga kurusha uko tubitekereza? Byaba bishoboka yuko umugeni yamaze guhamagarwa no gutoranywa, akaba yarashyizweho ikimenyetso muri we? Ntihazabaho umwe urenzeho, murabizi. Byaba bishoboka? Yego yee. Yego yee.

Muribuka ibyo nababwiye ku wundi munsi w'ifunguro rya mugitondo. Mu kwikora kw'imirama ya kigabo niya kigore hari miriyoni imwe y'intanga zisohoka na miriyoni yamagi aasohoka. Nyamara hazabaho akantu kamwe kuri buri ruhande, nubwo twose tumeze kimwe: kamwe kuri miriyoni imwe. Buri kamwe muri two ni ako mu igi rimwe kandi no ku ntanga ni uko. Kamwe konyine kabaho utundi tugapfa.

Nta muntu uzi irihe gi riba ryakororoka , oh, nuko bimeze.ni imana igomba kubyemeza niba bizaba umuhungu cyangwa se umukobwa, uweruruka cyangwa inzobe, usa gutya cyngwa kuriya, cyangwa ikindi cyose. Ni Imana ibikemura. Si icyakororoka intanga n'igi kiza mbere, ahubwo ni icya mbere imana yagennye. Wenda hari kimwe kije hano n'ikindi… niba waragize ubwo ushobora kubireba ahantu babishyira mu isuzumiro, ushobora kubona intanga n'amagi zinyuranamo ngo zihure. Ubwanjye narabyiboneye. Ni Imana igomba kubigena. Hakavamo kimwe mu gihe byose bisa ariko biterwa n'uko gutoranywa. Kuvuka k'umwimerere ni ugutoranywa. Imana ikifatira umwe muri miliyoni.

81 Igihe Isirayeri yavaga mu mw'Egiputa ngo igane mu gihugu cyasezeranijwe, bari nka miriyoni ebyiri. Bose bari munsi y'umwana w'intama umwe w'igitambo, iyo bitaba ntibababarakomeje kubaho. Bose bumvise umuhanusi Mose. Bose barabyinnye, abagore babyinanye na miriamu bagenda ku nkombe y'inyanja, igihe Imana itsembye umwanzi abanzi. Bose bari kumwe aho na mose, bamwumvise aririmba mu mwuka. Bose baririye mu butayu manu yaguye iva mu ijuru. Hari manu nshyashya buri joro, bose bayiriyeho, bikaba ari urugero rw'ubutumwa. Ariko kuri miriyoni ebyiri, ni bangahe bagezeyo? Ni babili. Umwe kuri miriyoni imwe.

Kuri uyu mugoroba ku isi hariho abakristo bagera nko kuri miriyoni Magana abairi na mirongo itanu, ubaze abagatorika n'abandi bose. Miriyoni Magana atanu ni abiyita abizera ku isi. Izamurwa ribayeho uyu mugoroba, byaba bishaka kuvuga… iyaba byakurikizaga urwo rugero rw'umwe kuri miriyoni. Simvuga ko bimeze bityo. Ariko bibaye nk'uko, ubwo rero mu masaha makumyabili n'ane ari imbere, abantu Magana atanu baba babuze. Nta'ubwo mwazongera kumva bavugwa. Uko biri kose, abangana gutyo barazimira ntiibongere kuboneka.

82 Na none nshuti yanjye, byashoboka ko tugerwaho n'ibyabaye igihe yohani umubatiza aje. Ndetse n'abigishwa baravuze ngo: "kuki ibyanditswe bivuga, kuki i— intumwa cyangwa abahanuzi bavuga, ni kuki bivugwa ko Eliya agomba kubanza kuza maze agasubizaho byose?"

Yaravuze ati: "ndababwira yuko Eliya yamaze kuza, n'uko mutabimenye."

Umwe muri iyi minsi, birashoboka ko twazasigara mu gihirahiro: "nigute iby'izamurwa ryagombaga kubanziriza imibabaro?"

"ryarangije kuba, none ntimwabimenye."

83 Umubiri wose, washyizwemo ikimenyetso imbere, igisigaye gusa ari ukuwugumisha mu njyana. Si mvuga yuko ari ibyo.niringiye ko Atari ibyo. Ariko, inshuti yanjye, ubwo…

Uyu mugoroba niba twumva mu mitima yacu ko twakagombye gutunganya ubuzima bwacu mu bijyanye n'ibyo twakoze mureke mbagire inama nkamwene So mu murimo. Ngiye kuvuga ibi bwa mbvere ndi kuruhimbi. Uko biri kose kuri uyu mugoroba nabivuzeho byinshi kyane kurenza ibyo navugiye ku mugaragaro. Ku bindi byose, mu gihe cyose byabaye, bitewe n'uko nagize ubwisanzure bwinshi muri ibi biterane. Niba mwemwera yuko ndi umuhanuzi w'imana, ni mwite kubyo nababwiye. Niba ufite amahuhezi y'ubusa busa mwumva mu mutima ngaho jya ku mana ubungubu. Bikore.

84 Mwebwe, abagabo, nimurekere aho akanya gato. Nimurebe amahame yanyu mukorera. Mwitegereze mu matorero yanyu. Mbese bihuje n'Ijambo ry'Imana? Mwujuje se ibisabwa byose? Muravuga muti: "ndi

umuntu mwiza" na Nikodemu yari we, nabandi nabo bari uko. Ba-bari abantu bameze neza cyane. Ntaho bihuriye.

Namwe abagore, ndifuza ko mwa kwirebera mu ndorerwamo, mukanareba icyo imana isaba umugore. Kandi urebere mu ndorerwamo y'imana nti indorerwamo y'itorero ryawe, aho ahubwo mu y'imana; maze urebe niba mu buzima bwawe, ufite imitere myizsa isabwa ngo ube umugeni w'umwuka kristo.

Mwebwe, abakozi, namwe ni mutekereze. Mbese hano hari ikintu muvugwaho mugira ngo mutagira ubikoma uri aho? Mwakora se ibi niba bitari… yuko babaca mu rusengero? Niba wiyumvamo ibyo, mwene Data nkunda, nyemerera nkuburire, mu izina rya yesu kristo, hunga ujye kure y'ibyo aka kanya

Na madamu, niba uri hasi y'aho umugore w'umukristu agomba kuba, uteri uwo ku izina, ahubwo biri mu mutima wawe, maze ubugingo bwawe bukagaragaza neza neza ibisabwa hano mu cyemezo cy'abashakanye cy'Imana.

Nawe muntu ugize itorero, niba itorero ryawe ritameze gutyo, rikaba ritari ku ntera Imana isaba mu Ijambo ryayo, rivemo, maze winjire mu Kristo.

85 Ni iburiro rihambaye. Ntituzi niba ari ryari, nawe ntuzi niba ari gihe ki, umunsi umwe, uyu mujyi uzisanga muri iyi Nyanja hano warigitiyemo.

"Oh, kaperinawumu", niko Yesu yavuze, "wowe wizamuye kugeza mu ijuru, uzashyirwa hasi kugeza ikuzimu. Rwose, iyo ibitangaza biba byarakorewe muri Sodoma na Gomora, n'ubu iyi midugudu iba ikiriho." Kandi Sodoma na Gomora, biri mu Nyanja yapfuye rwagati. Na Kaperinawumu yamizwe n'inyanja.

Wowe, mudugudu witwa uw'abamalayika, wowe wzamuye ngo ngere mw'ijuru, kandi ukaba warakwije imyanda yose n'ibiteye isoni byose by'amaderi n'ibindi, ku buryo ndetse n'ibihugu by'amahanga biza hano gushaka ibitera isoni byacu ngo babyohereze ahandi, wowe, ufite insengero zisa neza n'iminara y'inzogera myiza, n'ukuntu wifata. Byibuka, umunsi umwe uzarohama muri iyi Nyanja, n'ubu butaka bwawe bunogonotsemo utwobo nk'irumbi rinini ry'inzuki. Umujinya w'Imana urimo kurandira munsi yawe. Ni mugihe kingana gute izaba iretse kiriya kirundo cy'umusenyi kigeretse munsi yawe? Mu gihe, mu bujyakuzimu hariyo mayilo imwe [m1.6], inyanja igiye imbere igere muri Salton Sea. Bizaba bibi birenze ibyo ku munsi wa nyuma wa pompei. Ihane, los angeles.

Abandi mwese, ni mwihane, maze mugane ku mana. Igihe cy'umujinya wayo cyaje ku isi. Ni muhunge mu gihe bigishoboka, maze mwinjire muri Kristo.

Mureke dusenge Dusenge

86 Mana nkunda, mu gihe umwuka wanjye unyeganyega, umutima wanjye urarekura amarira atemba ava ku kukubwira. O Mana, birike abagabo na'abagore ntibafate ibyo navuze nkaho ari iby'urwenya, kandi n'abantu bajya mu rusengero ntibabibone nk'aho ari ukubikoma cyangwa ukubarwanya. Nibashobore kubona, mwami, yuko byatewe n'urukundo. Ngutanzeho umugabo, mana ishobora byose, naciye kuri iyi nkombe yose, ari epho ari na ruguru, umwaka nyuma y'uwundi, ntangaza ijambo ryawe. Ubimberemo umugabo, mana, niba byagombaga kubaho, uyu mugoroba navuze ukuri. Uzi yuko ririya yerekwa ry'umugeni ari ukuri. Nabifatanijeho izina ryawe, mwami, mvuga ko ryari UKU NIKO UMWAMI AVUZE. Kandi birasa neza, mwami, n'uko nzi icyo nkora.

Rero, Mwami, ndagusabye, mu Izina rya Yesu, abantu bakanguke uyu mugoroba, bahunge uburakari bugiye kuza . Kubera Ichabod yanditse ku miryango no ku mbaga z'abantu. Ikimenyetso kiraburacyabatwikiriye. Byababaje Umwuka w'Imana. Kandi bapimwe uburemere, basanze ntaburemere bafite. Umunsi mukuru w'umwami Nebukodonazoro yongeye gusubirwamo, n'ibitaramo by'abasinzi n'abagore bambaye ubusa, kandi biyita abakirisito.

87 O Mana y'ijuru, babarira isi ikora ibyaha n'abantu b'abanyabyaha, Mwami, ni cyo turi cyo kuri uyu mugoroba. O Mana ndagerageza guhagarara mu cyuho, maze ngatakambira imbabazi z'imana kugira ngo ugire icyo uvugira muri iyi mbaga y'abantu kuri uyu mugoroba, ngo kandi ubwire umugeni wawe yitegure neza[kwigengera nta gutindaganya] ngo atere intambwe, Mwami, atagendera ku kirango runaka cy'ihame ry'idini, ahubwo agendera ku ijwi ryumvikana ry'ubutumwa bwiza bw'umwami Yesu Kristo. Bitange, O Mana abanti nibamenye yuko turi mu buryo buhambaye imbere y'aba bantu, tubahamagarira kwitegura bibangutse ijambo ryawe.

Mu izina rya yesu-kristo, ndabasabira mwami. Nta gtushidikanya nabusa, barakubonye ugendagenda mu nsengero zabo. Unababwira ibyari mu mitima yabo. Kandi mwami uzi ikirimo kubona ubungubu. Uzi yuko ari ukuri, o mana. Ndanagusaba mu izna rya yesu,utume umwuka wera yongera kwingingira, Mwami, maze yizaneho abari hano bumva ibi. Mwami, abanditswe mu gitabo cy'ubugingo cyumwana w'intama. Byemere mana, nsenze n'umutima wanjye wose.

Mu rwego rw'ibya kamere, mwami abantu bampa n'igiceri cyabo basigaranye kugira ngo bashyigikire

ubutumwa bakora icyo bashobaye cyose. Nyamara Mana ku biorebana no kubwubahiriza no kuba muri ubwo bwoko, ndagusaba, Mana, uyu mugoroba ngo ube ugiye kubagororeramo, ukanasuka Umwuka Wera wawe kuri iki giterane gihuje imigambi y'umurimo. Ntibibe igihe cy'urwenya no gusimbagurika, ahubwo kibe igihe cyo gutaka no kwihana, ni igihe cyo gufata amahembe y'igicaniro, mu gihe abantu babona imanza zihindira munsi yacu kuri uyu mugoroba. Bitange., O Mana. Nsabye mbikuye ku mutima kuko nzi ko ubikora mu izina rya Yesu Kristo

88 Mwene data, mushiki wanjye, si—sinzi icyo kuvuga kirenzeho, niba, kubw'imbaraga z'Imana, nagize ubutoni mu maso yanyu, niba mwemera ko ndi umuhanuzi wayo. Ni ubwambere rwose mvuga ibi bintu ku mugaragaro. Ariko ndumva igisa n'ukuburirwa kudasanzwe. Simbogamira ku gisa gutyo. Murabizi. Siko mbigenza. Sinashishikariye kwatura ubu butumwa no kuvuga ibi bintu. Nafashe mu nzira zica kure n'ibindi ngo ntagomba kubikora. Ariko ibyo byavuzwe kandi bizagumaho ku munsi w'urubanza, bibe ubuhamya bw'uko navuze bukuri UKU NIKO UWITEKA AVUZE!…

Oh, mwebwe abantu ba [pantekote, ushobopye nakuremo ake karenge ahunge. Ni muhunge amahembe y'igicaniro, maze mutakire imana igihe kitararangira, hazaza igihe muzaboroga, bye kugira icyo bimara na busa. Nibyo ko Esawu yashatse kongera guhabwa ubukuru bwe, maze ntiyashobora kubigeraho. Ngusubije mu biganza byayo, O California. O mana y'abanyamirimo b'ubutumwa bwiza bwuzuye, mwebwe nkunda, mwebwe nasize. Kandi nkabihambiraho n'umutima wanjye wose, kuri uyu mugoroba, mbasubije mu biganza mu maboko ya yesu Kristo. Ni mumuhungireho. Ntimukareke na rimwe ngo umwanzi abatere gukonja mu birebana n'iki kintu. Mubyikomezeho mutajegejega kugeza ubwo buri wese muri mwe azuzura umwuka wera, maze gutyo mugane kuri iri jambo, mwebwe abagore, mutunganye ubuzima bwanyu, mwebwe abagabo, muboneze ubuzima bwanyu. Niba muvuga ko mufite Umwuka Wera, ariko mukanga gukiranuka, ijambo, ni uko undi mwuka ukurimo. Umwuka w'Imana uhagaze ku ijambo ry'Imana—ijambo rya Mesiya, ijambo risizwe. Umugeni agomba kuba aka—Mesiya kazi ijambo risizwe.

89 Duhaguruke, mu izina ry'umwami Yesu Kristo. Nimutazongera kumva ijwi ryanjye na rimwe….maze, Imana nibishaka, mu masaha make ndibujye muri Afurika. Ahari sinzigera ngaruka. Sinzi. Ariko, ndababwira n'umutima wanjye wose, nababwiye ukuri. Nta kwigarura na busa nagize mbamenyesha ibyo Imana yambwiye byose ngo mbivuge. Kandi nabivuze mw'Izina ry'Umwami.

Ni igihe gihambaye. Sinzi uko nabivuga. Inshuro eshatu nagerageje kureka uruhimbi, ariko simbigeraho. Byari isaha ihambaye. Ntimukabyibagirwe na rimwe. Birashoboka ko byaba ari igihe imana iriho wenda gukora ihamagara ryayo ryanyuma. Sinzi. Umunsi umwe, izahamagara bwa nyuma. Ryari? Simbizi. Ariko ndabibabwiye, bikurikije iri yerekwa, wagira ngo uyu Mugeni yamaze kuzura mu by'ukuri.

Nimwitegereze amatorero ya kidini yihatira kwinjira. Ubwo umwari wari usinziriye yazaga gushaka amavuta ntiyayahawe. Umugeni yarinjiye. Kujya mu izamurwa kwabayeho. “mu gihe abandi bo bajyaga kugura amavuta, umugeni yaraje”.

Urasinziriye? Kanguka vuba, maze wongere ugubwe neza— maze mureke dusenge dusenge, buri wese, nkaho twaba turi bupfe muri uyu munota mu Izina ry'Umwami. Buri wese nasenge mu buryo bwe.

90 Mana ishobora byose tugirire imbabazi. Mwami ngirira imbabazi. Tubabarire twese. Icyo twakora cyose byamara iki, niba tuneshejwe muri ibi bintu? Mpagaze hano, O mana, nkaba ninginga imbabazi zawe mbere y'uko uyu mujyi mu nini urohama mu Nyanja n'uko imanza z'Imana zikubura iyi nkombe ndagusaba, o mana, ngo uhamagare umugeni wawe. Ubu mbashyize mu biganza byawe mw'Izina rya Yesu Kristo. Amina.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwirizwa bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7